

**URUTONDE RW'AMAFOTO** ........ **ii**
**URUTONDE RW'AMASHUSHO** ........ **ii**
**URUTONDE RW'IMIGEREKA** ........ **ii**
**IBISOBANURO BY'IMPINE Z'AMAGAMBO** ........ **iii**
**IJAMBO RY'IBANZE** ........ **1**
**INCAMAKE** ........ **2**
**INTANGIRIRO** ........ **3**
**I. INZEGO ZA SENA N'URUHARE RWAZO MU BYAKOZWE** ........ **4**
I.1. INZEGO ZA SENA ........ 6
I.1.1. Inteko Rusange ........ 6
I.1.1. Inama z'Inteko Rusange zabaye ........ 8
I.1.2. Imyanzuro yafashwe n'Inteko Rusange ........ 8
I.2. INAMA Y'ABAPEREZIDA ........ 9
I.3. BIRO YA SENA ........ 11
II.3.1. Ibiganiro ........ 13
I.3.2. Ibindi byakozwe muri rusange ........ 14
I.3.3. Kwakira no gusuzuma inyandiko igaragaza imitungo nyakuri y'Umuvunyi Mukuru, iy'Abavunyi Bungirije n'iy'abandi bakozi b'Urwego rw'Umuvunyi ........ 15
I.4. KOMISIYO ZIHORAHO ZA SENA ........ 16
I.5. KOMITE IGENZURA IMIKORERE YA SENA, IMYITWARIRE, IMYIFATIRE N'UBUDAHANGARWA BY'ABASENATERI ........ 17
I.6. UBUNYAMABANGA BUKURU BWA SENA ........ 18
**II. IBYAKOZWE NA SENA HAKURIKIJWE INSHINGANO N'UBUBASHA BYAYO** ........ **19**
II.1. KUGENZURA IYUBAHIRIZWA RY'AMAHAME REMEZO ........ 19
II.1.1. Kumenyekanisha amahame remezo ........ 19
II.1.2. Ibikorwa byo kugenzura ishyirwa mu bikorwa ry'amahame remezo ........ 20
II.2. GUTANGA IBITEKEREZO KU MUSHINGA W'INGENGO Y'IMARI YA LETA ........ 21
II.3. KWEMEZA ISHYIRWAHO RY'ABAYOBOZI BO MU NZEGO ZA LETA ........ 22
II.4. GUSUZUMA NO GUTORA AMATEGEKO ........ 22
II.5. KUMENYA NO KUGENZURA IBIKORWA N'IMIKORERE BYA GUVERINOMA ........ 23
II.5.1. Kugezwaho na Minisitiri w'Intebe gahunda n'ibikorwa bya Guverinoma ........ 23
II.5.2. Ibikorwa bya Komisiyo za Sena bijyanye no kumenya no kugenzura ibikorwa n'imikorere bya Guverinoma ........ 24
II.5.3. Kubazwa mu magambo ........ 25
II.6. GUSUZUMA RAPORO Z'INZEGO ZITEGANYWA N'ITEGEKO NSHINGA N'ANDI MATEGEKO ........ 26
II.7. GUHAGARARIRA ABATURAGE ........ 27
II.7.1. Kwifatanya n'abaturage mu bikorwa by'umuganda ........ 28
II.7.2. Gusuzuma ibibazo by'abaturage ........ 29
**III. IMIKORANIRE YA SENA N'IZINDI NZEGO NO GUTSURA UMUBANO N'UBUTWERERANE N'IZINDI NTEKO ZISHINGA AMATEGEKO** ........ **29**
III.1. IMIKORANIRE YA SENA N'UMUTWE W'ABADEPITE ........ 29
III.2. IMIKORANIRE N'IZINDI NZEGO ZO MU GIHUGU ........ 29
III.3. GUTSURA UMUBANO N'INTEKO ZISHINGA AMATEGEKO Z'IBINDI BIHUGU N'IMIRYANGO MPUZAMAHANGA IHUZA INTEKO ZISHINGA AMATEGEKO ........ 30
III.3.1. Imikoranire ya Sena n'izindi Nteko Zishinga Amategeko z'Imiryango u Rwanda rurimo ........ 30
III.3.1.2. Inama Mpuzamahanga z'Abagize Inteko Zishinga Amategeko zabereye mu Rwanda ........ 31
III.4. UBUTUMWA MU MAHANGA ........ *31*
III.5. ABASHYITSI BASUYE SENA ........ 32
**IV. IBYAGEZWEHO N'AMAHURIRO ASHAMIKIYE KU NTEKO ISHINGA AMATEGEKO** ........ **33**
IV.1. IHURIRO RY'ABAGIZE INTEKO ISHINGA AMATEGEKO RIHARANIRA IMIBEREHO MYIZA Y'ABATURAGE N'ITERAMBERE (RPRPD) ........ 34
IV.2. IHURIRO RY'ABAGIZE INTEKO ISHINGA AMATEGEKO RIKUMIRA JENOSIDE, IPFOBYA N'IHAKANA RYA JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI (AGPF) ........ 35

IV.3. Ihuriro ry'Abagize Inteko Ishinga Amategeko y'u Rwanda rigamije gukumira no kurwanya ruswa (APNAC-Rwanda)....35
IV.4. Ihuriro ry'Abanyarwandakazi bari mu Nteko Ishinga Amategeko (FFRP)....36
**V. IMIKORESHEREZE Y'INGENGO Y'IMARI YA SENA .... 37**
**VI. UMUSOZO.... 39**
**IMIGEREKA .... 40**

## URUTONDE RW'AMAFOTO

Ifoto ya 1: Abasenateri mu nama y'Inteko Rusange ya Sena....7
Ifoto ya 2: Abagize Biro ya Manda ya 3 ya Sena ....12
Ifoto ya 3: Abasenateri mu mwiherero ....13
Ifoto ya 4: Biro ya Sena yakira inyandiko igaragaza imitungo y'Umuvunyi Mukuru....16
Ifoto ya 5: Abasenateri bamenyekanisha ubushakashatsi muri ILPD ....20
Ifoto ya 6: Minisitiri w'Intebe ageza gahunda n'ibikorwa bya Guverinoma ku bagize Inteko Ishinga Amategeko ....23
Ifoto ya 7: Minisitiri w'Ubutabera na Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo bageza ibisobanuro mu magambo ku Nteko Rusange ....26
Ifoto ya 8: Perezida wa NURC ageza raporo ku Nteko Rusange ya Sena ....27
Ifoto ya 9: Abasenateri mu gikorwa cy'umganda w'impera z'ukwezi mu Karere ka Bugesera ....28

## URUTONDE RW'AMASHUSHO

Ishusho ya 1: Inama z'Inteko Rusange zabaye ....8
Ishusho ya 2: Imyanzuro y'Inteko Rusange ....9
Ishusho ya 3: Imyanzuro yafashwe n'Inteko Rusange ....11
Ishusho ya 4: Inama za Biro zateranye....12
Ishusho ya 5: Imyanzuro yafashwe na Biro ....15
Ishusho ya 6: Abayobozi bemejwe na Sena ....22
Ishusho ya 7: Amategeko yatowe na Sena (Nyakanga 2019-Kamena 2020)....23
Ishusho ya 8: Abashyitsi basuye Sena ....32
Ishusho ya 9: Biro ya Sena yakira Ambasaderi wa Israel mu Rwanda ....33
Ishusho ya 10: Ikigero cy'imikoreshereze y'ingengo y'imari ya Sena ....38

## URUTONDE RW'IMIGEREKA

Umugereka wa 1: Abasenateri bagize ya 3 ya Sena....40
Umugereka wa 2: Abagize Inama y'Abaperezida ....41
Umugereka wa 3: Abagize Komisiyo za Sena ....41
Umugereka wa 4: Abasenateri bagize Komite ....42
Umugereka wa 5: Abakozi bahawe amahugurwa y'igihe kirekire ....42
Umugereka wa 6: Abakozi ba Sena bahawe amahugurwa y'igihe kigufi ....43
Umugereka wa 7: Abayobozi bemejwe na Sena mu mwaka wa 2019/2020 ....44
Umugereka wa 8: Uko Inzego ziteganywa n'Itegeko Nshinga n'andi mategeko zashyikirije raporo yazo Inteko Ishinga Amategeko ....46
Umugereka wa 9: Abashyitsi basuye Sena mu mwaka wa 2019/2020....47
Umugereka wa 10: Abashyitsi b'abanyamahanga baba mu Rwanda basuye Sena....48
Umugereka wa 11: Ingengo y'imari y'umwaka wa 2019/2020 yakoreshejwe....49

## IBISOBANURO BY'IMPINE Z'AMAGAMBO

| | | |
|---|---|---|
| ABUCO | : | Association Burundaise des Consommateurs-Transparency |
| AGPF | : | Anti Genocide Parliamentary Forum |
| AIDS | : | Acquired Immuno Deficiency Syndrome |
| APNAC | : | African Parliamentarians'Network Against Corruption |
| APU | : | African Parliamentary Union |
| | | Burundi International |
| CPA | : | Certified Public Accountant |
| CPA | : | Commonwealth Parliamentarian Assembly |
| CSW | : | Commission on the Status of Women |
| | | Développement |
| DR | : | Doctor |
| FFRP | : | Forum des Femmes Rwandaises Parlementaires |
| FP-ICGLR | : | Forum of Parliaments of the International Conference on the Great |
| H.E | : | His Excellency |
| HDI | : | Health Development Initiative |
| HEC | : | Higher Education Council |
| ICASA | : | International Conference on AIDS and STIs in Africa |
| ICPD | : | International Conference on Population and Development |
| ICT | : | Information Communication Technology |
| ILPD | : | Institute of Legal Practice and Development |
| INMR | : | Institute Of National Museums Of Rwanda |
| | | Lakes Region |
| LODA | : | Local Administrative Entities Development Agency |
| MHC | : | Media High Council |
| NIRDA | : | National Industrial Reasearch and Development Agency |
| ONU | : | Organisation des Nations Unies |
| PACAC | : | Presidential Advisory Council Against Corruption |
| PAP | : | Panafrican Parliament |
| RDRC | : | Rwanda Demobilization and Reintegration Commission |
| REMA | : | Rwanda Environmental Management Authority |
| REMA | : | Rwanda Environment Management Authority |
| RGB | : | Rwanda Governance Board |
| RPPA | : | Rwanda Public Procurement Authority |
| RPRPD | : | Réseau des Parlementaires Rwandais pour la Population et le |
| TI | : | Transparancy International |
| UNFPA | : | United Nations Population Fund |

## IJAMBO RY'IBANZE



Mu mwaka wa 2003 nibwo Sena yashyizweho nk'umwe mu Mitwe ibiri igize Inteko Ishinga Amategeko y'u Rwanda, ihabwa inshingano yihariye zirimo kugenzura iyubahirizwa ry'amahame remezo ateganywa mu ngingo ya 10 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015 n'iry'ibiteganywa mu ngingo ya 56 n'iya 57 z'iri Tegeko Nshinga. Sena ifite kandi ububasha bwo kwemeza ishyirwaho ry'abayobozi aho biteganywa n'amategeko, no gutanga inama ku bibazo biremereye Igihugu. Izi nshingano ziyongera ku nshingano zisanzwe z'Inteko Ishinga Amategeko zo gushyiraho amategeko, kumenya no kugenzura ibikorwa bya Guverinoma.

Kuva ku wa 17 Ukwakira 2019, Sena yatangiye Manda yayo ya gatatu. Mu ntangiriro ya manda yabo, Abasenateri bagize manda ya gatatu ya Sena bakoze umwiherero kugira ngo baganire ku buryo bw'imikorere n'imikoranire yabo mu gutunganya inshingano za Sena ndetse n'uruhare rw'inzego z'imirimo za Sena mu gufasha Abasenateri gusohoza inshingano zabo. Muri uru rwego kandi ku itariki ya 10 n'iya 16 Nyakanga 2020, habaye Inama y'Abaperezida yaguye itumirwamo Abasenateri bose hagamijwe kumenya no kugira imyumvire imwe ku nshingano za Sena, iza buri rwego ndetse n'iz'umusenateri ubwe, kumenya no kugira imyumvire imwe ku buryo bw'imikorere n'icyo buri wese ashinzwe, kugira ibipimo (Standards) byumvikanyweho, byemejwe, bishingirwaho kugira ngo hamenyekane niba haragezwe ku ntego (Evaluation).

Nubwo habayeho imbogamizi zatewe n'Icyorezo cya COVID-19, hari byinshi bimaze kugerwaho nyuma y'igihe manda ya gatatu imaze itangiye imirimo yayo. Ibi bikaba byarashobotse kubera ingamba zafashe no kuzuzanya n'izindi nzego buri gihe hashyirwa imbere iterambere ry'umuturage.

Ibyakozwe byubakiye ku byagezweho na Manda zabanje za Sena kandi bishingiye ku nshingano za Sena nk'uko bikubiye muri iyi raporo, icyari kigamijwe kwari ugufasha Leta Leta kugera ku cyerekezo n'intego yihaye zishingiye ku nkingi eshatu (3) gahunda ya Guverinoma yubakiyeho zirimo iterambere ry'Igihugu, kuzamura imibereho myiza y'abaturage no guteza imbere imiyoborere myiza.

Ubwitange n'umurava by'Abasenateri n'abakozi ba Sena ni byabaye umusingi ukomeye kugira ngo ibikorwa byose byagezweho bishoboke. Ibi kandi ntibyari kugerwaho iyo hatabaho ubwuzuzanye n'imikoranire myiza n'izindi nzego byakomeje kuranga Sena.

Sena irashima cyane uruhare rwa buri wese mu ishyirwa mu bikorwa ry'inshingano zayo.

**Dr. IYAMUREMYE Augustin**

**Perezida wa Sena**

# INCAMAKE

## Incamake y'ibyakozwe na Sena






## INTANGIRIRO

Sena igenerwa buri mwaka ingengo y'imari hakurikijwe iteganyabikorwa ryayo rigizwe n'ibikorwa bya Komisiyo za Sena n'ibikorwa bireba izindi nzego za Sena. Iteganyabikorwa rya Sena rigendera ku ngengabihe y'umwaka w'ingengo y'imari utangira tariki ya mbere Nyakanga ukagangira ku itariki ya 30 Kamena. Nubwo iyi ngengabihe idahura n'iy'ibihembwe bisanzwe bya Sena, ibi ntaho bibangamira ishyirwa mu bikorwa ry'iteganyabikorwa ndetse n'imikoreshereze y'ingengo y'imari Sena ihabwa.

Uyu mwaka wa 2019/2020 watangiye manda ya 2 ya Sena isigaje amezi atatu (Nyakanga-10 Ukwakira 2019) ngo isoze ikivi cyayo. Ibi bisobanuye ko ibikorwa bigaragara muri iyi raporo, harimo ibyakozwe muri icyo gihe n'ibyakozwe muri manda ya 3 ya Sena (17 Ukwakira 2019-Kamena 2020).

Iyi raporo iragaragaza ibikorwa byakozwe na Sena hashingiwe ku iteganyabikorwa ryayo ryatangiranya m'umwaka w'ingengo y'imari wa 2019/2020, watangiye tariki ya 01 Nyakanga 2019. Ku birebana na Komisiyo zihoraho za Sena na Komite, iri teganyabikorwa ryaje kuvugururwa mu Ukuboza 2019, kugira ngo Abasenateri bagize manda ya gatatu bagire uruhare mu kugena ibikorwa biri mu murongo wo kubafasha gusohoza imirimo yabo.

Imirimo yakozwe mu mwaka wa 2019/2020 yakozwe hashingiwe ku nshingano n'ububasha bya Sena harimo: kugenzura iyubahirizwa ry'amahame remezo avugwa mu ngingo ya 10 n'iry'ibiteganywa mu ngingo ya 56 n'iya 57 z'Itegeko Nshinga, guha Umutwe w'Abadepite ibitekerezo ku mushinga w'ingengo y'imari ya Leta mbere y'uko wemezwa burundu gutora amategeko, kumenya no kugenzura ibikorwa n'imikorere bya Guverinoma, kwemeza ishyirwaho ry'Abayobozi gutanga inama ku bibazo biremereye Igihugu bijyanye n'inshingano zayo no Gusuzuma raporo z'Inzego ziteganywa n'Itegeko Nshinga n'andi mategeko.
Uretse ibijyanye n'izo nshingano, iyi raporo iragaragaza kandi n'ibindi byakozwe, birimo gusura abaturage n'ibikorwa by'amajyambere, ubutumwa bw'Abasenateri mu mahanga, kwakira abashyitsi bagendereye Sena, ibikorwa by'amahuriro y'abagize Inteko Ishinga Amategeko n'ibikorwa by'inzego z'imirimo za Sena.

Ibyakozwe mu mwaka wa 2019/2020 bigaragazwa muri iyi raporo bikubiyemo muri ibi bikurikira: inzego za Sena n'uruhare rwazo mu byagezweho, ibyakozwe birebana n'inshingano n'ububasha bya Sena, imikoranire ya sena n'izindi nzego no gutsura umubano n'ubutwererane n'izindi nteko zishinga amategeko, ibyagezweho n'amahuriro ashamikiye ku nteko ishinga amategeko, imikoreshereze y'ingengo y'imari ya Sena, imbogamizi zagaragaye.

Inyandiko zikubiyemo ibyakozwe mu buryo burambuye ziboneka mu bubiko bw'inyandiko z'Inteko Ishinga Amategeko.

# I. INZEGO ZA SENA N'URUHARE RWAZO MU BYAKOZWE

Nk'uko biteganywa n'Itegeko Nshinga ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015 mu ngingo yaryo ya 80, Sena igizwe n'Abasenateri makumyabiri na batandatu (26) batorwa cyangwa bashyirwaho ku buryo bukurikira:

- Cumi na babiri (12) batorwa n'inzego zihariye, hakurikijwe inzego z'imitegekere y'Igihugu;
- Umunani (8) bashyirwaho na Perezida wa Repubulika, by'umwihariko akita ku bumwe bw'abanyarwanda, ku ihagararirwa ry'igice cy'abanyarwanda amateka agaragaza ko basigaye inyuma no ku zindi nyungu rusange z'Igihugu;
- Bane (4) bashyirwaho n'Ihuriro ry'igihugu Nyunguranabitekerezo ry'imitwe ya Politiki;
- Umwarimu umwe (1) cyangwa umushakashatsi umwe (1) wo muri Kaminuza no mu Mashuri Makuru bya Leta uri ku rwego nibura rw'umwarimu wungirije utorwa n'abarimu n'abashakashatsi bo muri ibyo bigo;
- Umwarimu umwe (1) cyangwa umushakashatsi umwe (1) wo muri Kaminuza no mu Mashuri Makuru byigenga nibura uri ku rwego rw'umwarimu wungirije utorwa n'abarimu n'abashakashatsi bo muri ibyo bigo.

Abasenateri bavugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo biyongeraho abahoze ari Abakuru b'Igihugu barangije neza manda yabo cyangwa basezeye ku bushake bwabo, babisabye Perezida wa Sena, bikemezwa na Biro ya Sena mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30).

Ku bijyanye n'Abasenateri muri manda ya 3, hari 20 barahiye ku itariki ya 17 Ukwakira 2019, n'Abasenateri 6 batangiye manda yabo tariki ya 10 Ukwakira 2012, bakaba bazayirangiza ku itariki ya 11 Ukwakira 2020.

Umugereka wa mbere w'iyi raporo werekana urutonde rw'Abasenateri bose bagize manda ya gatatu ya Sena uko ari 26.

**Ifoto 1: Abagize Sena y'u Rwanda muri manda gatatu**






### I.1. Inzego za Sena

Nk'uko biteganywa n'Itegeko Ngenga N°007/2018.OL ryo ku wa 08/09/2018 rigenga imikorere ya Sena, mu ngingo yaryo ya 17, inzego za Sena ni izi zikurikira:

- Inteko Rusange;
- Inama y'Abaperezida;
- Biro ya Sena;
- Komisiyo zihoraho;
- Komite igenzura Imikorere ya Sena, Imyitwarire, Imyifatire n'Ubudahangarwa by'Abasenateri;
- Ubunyamabanga Bukuru.

#### I.1.1. Inteko Rusange

Inteko Rusange igizwe n'Abasenateri bose kandi ni rwo rwego rukuru rwa Sena mu gufata ibyemezo.

**Ifoto ya 1: Abasenateri mu nama y'Inteko Rusange ya Sena**



*Aho byavuye: Ububiko bw'inyandiko bwa Sena*


Ku birebana n'ibikorwa by'Inteko Rusange ya Sena mu mwaka wa 2019/2020, ibyagezweho mu ncamake ni ibi bikurikira:

- Hatowe abagize Biro za Komisiyo zihoraho za Sena n'iya Komite igenzura Imikorere ya Sena, Imyitwarire n'Ubudahangarwa by'Abasenateri (Komite);
- Hatowe abahagararira Inteko Ishinga Amategeko (ku ruhande rwa Sena) mu Nteko Nyafurika Ishinga Amategeko (PAP);
- Hemejwe ishingiro ry'imishinga y'amategeko ari mu bubasha bwa Sena kandi hatorwa n'ayo mategeko;
- Hemejwe ishyirwaho ry'abayobozi bashyikirijwe Sena;
- Hemejwe ibitekerezo bya Sena ku mushinga w'ingengo y'imari ya Leta mbere y'uko wemezwa burundu, bishyikirizwa Umutwe w'Abadepite;
- Hafashwe imyanzuro kuri raporo za Komisiyo zihoraho za Sena n'iza Komite;
- Inteko Rusange yumvise ibisobanuro mu magambo ku bibazo byababajije uhagarariye Guverinoma;
- Yagejejweho raporo z'Inzego ziteganywa n'Itegeko Nshinga n'andi mategeko;
- Hemejwe imyanzuro y'Inama y'Abaperezida;
- Hemejwe inyandiko zivunaguye n'inyandikomvugo z'inama z'Inteko Rusange;
- Kwitabira inama n'ibiganiro nyunguranabitekerezo bigenewe Abasenateri.

### I.1.1. Inama z'Inteko Rusange zabaye

Nk'uko biteganywa n'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, mu ngingo yaryo ya 72, inama za buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko ziterana mu gihe cy'ibihembwe bisanzwe n'ibihembwe bidasanzwe. Itegeko Ngenga n°007/2018.OL ryo ku wa 08/09/2018 rigenga imikorere ya Sena, mu ngingo yaryo ya 38, riteganya ibijyanye n'ibihembwe bisanzwe. Ingingo yaryo ya 71 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, iteganya ko Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko ishobora guteranira hamwe.

**Ishusho ya 1: Inama z'Inteko Rusange zabaye**




*Aho byavuye: Raporo z'Ibikorwa by'umwaka bya Sena (2011-2019)*


Mu mwaka wa 2019-2020, Inteko Rusange yateranye mu bihembwe bisanzwe bitatu (3) n'ibihembwe bidasanzwe bitatu (3). Inteko Rusange ya Sena yateranye mu nama inshuro mirongo ine n'umunani (48), harimo inama cumi n'ebyiri (12) z'Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko.

Inteko Rusange yasuzumye ingingo zose yashyikirijwe kandi izifataho imyazuro igezwa ku nzego zibishinzwe ngo ziyishyire mu bikorwa.

### I.1.2. Imyanzuro yafashwe n'Inteko Rusange

Mu mwaka wa 2019/2020, imyanzuro yose hamwe yafashwe n'Inteko Rusange ya Sena muri rusange ni 29, harimo imyanzuro makumyabiri n'itatu (23) yashyikirijwe Guverinoma n'izindi nzego ndetse n'imyanzuro itandatu (6) Inteko Rusange yafashe ikiyemeza kuyikurikirana ubwayo binyuze mu nzego za Sena.

**Ishusho ya 2: Imyanzuro y'Inteko Rusange**




*Aho byavuye: Raporo z'Ibikorwa by'umwaka bya Sena (July 2019-June 2020)*

Inteko Rusange yemeje inyandikomvugo mirongo itatu n'eshanu (35) n'inyandiko zivunaguye mirongo itatu n'ebyiri (32) z'inama z'Inteko Rusange.

Inteko Rusange ya Sena kandi yagejejweho imyanzuro y'inama zisanzwe n'inama zidasanzwe z'Inama y'Abaperezida irayemeza.

## I.2. Inama y'Abaperezida

Nk'uko biteganywa n'Itegeko Ngenga N°007/2018.OL ryo ku wa 08/09/2018 rigenga imikorere ya Sena, mu ngingo yaryo ya 17, Inama y'Abaperezida igizwe na:

- Biro ya Sena;
- Biro za Komisiyo zihoraho;
- Biro ya Komite igenzura Imikorere ya Sena, Imyitwarire, Imyifatire n'Ubudahangarwa by'Abasenateri.

Mu ngingo ya 72 y'Itegeko Ngenga N°007/2018.OL ryo ku wa 08/09/2018, hateganyijwe ibirebana n'Inama y'Abaperezida. Mu byo ishinzwe harimo gutegura gahunda y'ibihembwe bisanzwe bya Sena, gufata imyanzuro irebana n'imirimo y'Abasenateri, iy'Inteko Rusange cyangwa iya Komisiyo, ikabishyikiriza Inteko Rusange kugira ngo ibyemeze no kwiga imishinga y'amategeko iyo byemejwe n'Inteko Rusange.

Inama y'Abaperezida yateranye nk'uko bisanzwe, isuzuma ingingo zinyuranye zijyanye n'inshingano zayo.

**Imbonerahamwe ya 1: Inama z'Inama y'Abaperezida zateranye**

| **Ukwezi** | **Inama z'Inama y'Abaperezida zateranye** | | **Igiteranyo cy'inama zateranye** | **Imyanzuro yose yafashwe n'Inama y'Abaperezida** |
|---|---|---|---|---|
| | Inama zisanzwe | Inama zidasanzwe | | |
| Nyakanga 2019 | 1 | 0 | 1 | 3 |
| Kanama 2019 | - | - | - | - |
| Nzeri 2019 | 1 | 0 | 1 | 3 |
| Ukwakira 2019 | - | - | - | - |
| Ugushyingo 2019 | 1 | 0 | 1 | 11 |
| Ukuboza 2019 | 1 | 0 | 1 | 5 |
| Mutarama 2020 | 1 | 0 | 1 | 3 |
| Gashyantare 2020 | - | - | - | - |
| Werurwe 2020 | - | - | - | - |
| Mata 2020 | 0 | 1 | 1 | 4 |
| Gicurasi 2020 | 2 | 2 | 4 | 14 |
| Kamena 2020 | 1 | 0 | 1 | 8 |
| **Igiteranyo** | **8** | **3** | **11** | **51** |


*Aho byavuye: Raporo z'Ibikorwa by'umwaka bya Sena (July 2019-June 2020)*

Mu nshuro cumi n'imwe (11), Inama y'Abaperezida yateranye yafashe imyanzuro miringo itanu n'umwe (51).

Ibyakozwe n'Inama y'Abaperezida mu ncamake ni ibi bikurikira:

- Hateguwe gahunda z'ibihembwe bisanzwe bya Sena byabaye mu mwaka wa 2019/2020;
- Hafashwe imyanzuro yashyikirijwe Inteko Rusange irebana na:
    - imigendekere n'imitunganyririze y'ibikorwa bya Komisiyo zihoraho za Sena;
    - imirimo y'Inteko Rusange;
    - ibigenerwa Abasenateri bajya mu butumwa imbere mu gihugu;
    - gushakira ibikoresho Abasenateri;
    - gukora inama nyunguranabitekerezo z'Abasenateri;
    - gukora imyiherero y'Abasenateri;
    - amahugurwa agenewe Abasenateri;
    - Uruhare rw'abagize Sena muri ibi bihe Igihugu cyashyizeho ingamba zo gukumira no kurwanya Icyorezo cya COVID-19;
    - Imikorere nyuma y'Icyorezo cya COVID-19 mu birebana n'amasomo Sena yavana mu bihe byo guhangana n'Icyorezo COVID-19;
- Hasuzumwe umushinga w'itegeko ngenga rishyiraho amategeko rusange agenga ibigo bya Leta, nk'uko byemejwe n'Inteko Rusange ya Sena.

**Ishusho ya 3: Imyanzuro yafashwe n'Inteko Rusange**




*Aho byavuye: Raporo z'Inama y'Abaperezida (Nyakanga 2019-Kamena 2020)*

Imyanzuro y'Inama y'Abaperezida yashyikirijwe Inteko Rusange yaremejwe kandi yose yashyizwe mu bikorwa.

Amazina y'Abasenateri bagize Inama y'Abaperezida n'amatariki bayigiriyemo bigaragara ku mugereka wa 2

w'iyi raporo.

## I.3. Biro ya Sena

Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, mu ngingo yaryo ya 66, riteganya ko mu ntangiriro ya buri manda y'abagize Inteko Ishinga Amategeko, inama ya mbere ya buri Mutwe iharirwa itora rya Biro igizwe na Perezida na ba Visi Perezida.

Biro ya Sena igizwe na Perezida na ba Visi Perezida babiri (2) batorwa mu bagize Sena nk'uko biteganywa n'Itegeko Ngenga N°007/2018.OL ryo ku wa 08/09/2018 rigenga imikorere ya Sena, mu ngingo yaryo ya 18. Umwe mu ba Visi-Perezida ashinzwe gukurikirana ibijyanye n'amategeko, kumenya no kugenzura ibikorwa bya Guverinoma, undi ashinzwe gukurikirana imirimo yerekeranye n'imari n'abakozi. Biro ya Sena muri manda ya 3 yatowe tariki ya 17 Ukwakira 2019 igizwe na:


- Hon.Dr. IYAMUREMYE Augustin, Perezida;
- Hon. NYIRASAFARI Espérence, Visi-Perezida ushinzwe gukurikirana ibijyanye n'amategeko, kumenya no kugenzura ibikorwa bya Guverinoma;
- Hon. MUKABANRAMBA Alvera, Visi Perezida ushinzwe gukurikirana imirimo yerekeranye n'imari n'abakozi.

**Ifoto ya 2: Abagize Biro ya Manda ya 3 ya Sena**



*Aho byavuye: Ububiko bw'inyandiko za Sena*

**Ishusho ya 4: Inama za Biro zateranye**




*Aho byavuye: Raporo z'a Biro ya Sena (Nyakanga 2019-Kamena 2020)*

Mu mwaka wa 2019/2020, Biro ya Sena yateranye mu nama zayo inshuro mirongo itatu n'esheshatu (36) iganira kandi ifata ibyemezo ku ngingo zitandukanye zabaga zateganyijwe.

### II.3.1. Ibiganiro

Mu ntangiriro ya manda ya 3, Abasenateri bagejejweho ibiganiro bigamije kubasobanurira imiterere n'imikorere by'Inzego za Sena. Ibyo biganiro byabereye kuri Sena mu cyumba cy'Inteko Rusange ya Sena, ndetse byongera kugarukwaho mu mwiherero wabereye i Nyamata mu Karere ka Bugesera (La Palisse Nyandungu) ku wa 27-30 Ugushyingo 2019.

**Ifoto ya 3: Abasenateri mu mwiherero**



Abasenateri kandi bunguranye ibitekerezo ku nshingano za Sena muri rusange. By'umwihariko, bagejejweho ikiganiro ku nshingano ya Sena y'umwihariko yo kugenzura ishyirwa mu bikorwa ry'amahame remezo. Abasenateri bagejejweho kandi ibiganiro kuri politiki na gahunda bya Guverinoma n'ibiganiro byerekeye amahuriro ahuriweho n'Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko.

**Imbonerahamwe ya 2: Ibiganiro byahawe Abaseanteri**

| No | Itariki | Ibiganiro |
|---|---|---|
| 1. | 23/10/2019 | Ikiganiro ku miterere n'imikorere by'Inzego za Sena |
| 2. | 07-08/11/2019 | Ikiganiro kuri politiki na gahunda bya Guverinoma |
| 3. | 11/11/2019 | Ikiganiro ku mikorere y'Amahuriro y'Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko |
| 4. | 16/01/2020 | Ikiganiro ku igenzura ry'ishyirwa mu bikorwa ry'amahame remezo. |

*Aho byavuye: Raporo za Biro ya Sena ( Nyakanga 2019-Kamena 2020)*

Mu ntangiriro ya Manda ya 3 ya Sena, Abasenateri bahawe ibiganiro bitandukanye kuri gahunda za Guverinoma, ku mikorere ya Sena n'imikoranire yayo n'izindi nzego.


### I.3.2. Ibindi byakozwe muri rusange

Biro ya Sena ishingiye nshingano zayo ziteganywa n'Itegeko Ngenga N°007/2018.OL ryo ku wa 08/09/2018 rigenga imikorere ya Sena, mu ngingo yaryo ya 75, muri rusange hakozwe ibi bikurikira:

- Hateguwe gahunda y'imirimo y'Inteko Rusange;
- Hateguwe inama z'Inama y'Abaperezida;
- Hakurikiranwe imikorere ya Komisiyo zihoraho za Sena n'iy'amahuriro ashamikiye ku Nteko Ishinga Amategeko;
- Hayobowe inama z'Inteko Rusange ya Sena kandi hakurikiranwa ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro yazifatiwemo;
- Imyanzuro y'inama y'Inama y'Abaperezida yagejejwe ku Nteko Rusange kandi hakurikiranwa ishyirwa mu bikorwa ryayo;
- Hemejwe Abasenateri bajya mu butumwa mu mahanga;
- Hakurikiranwe imicungire y'abakozi, imari n'umutungo bya Sena;
- Hakurikiranywe ivugururwa ry'imbonerahamwe y'inzego z'imirimo ya Sena;
- Hakiriwe ibibazo by'abaturage kandi bishakirwa ibisubizo;
- Hakiriwe abashyitsi basuye Sena, baba ab'imbere mu Gihugu cyangwa hanze y'Igihugu;
- Gushyikirana n'izindi nzego z'ubutegetsi mu gihe cyose byabaye ngombwa;
- Guhagararira Sena mu butumwa mu gihugu cyangwa mu mahanga;
- Hakurikiraniwe hafi ibyerekeye isanwa ry'Ingoro y'Inteko Ishinga Amategeko;
- Hayobowe inama z'Akanama Ngishwanama (Steering Committee) gashinzwe gukurikirana imirimo yo kubaka Inzu Ndangamateka y'Urugamba rwo guhagarika Jenoside (Campaign Against Genocide- Museum) mu Nteko Ishinga Amategeko;
- Hakiriwe kandi hasuzumwa inyandiko z'imitungo y'Umuvunyi Mukuru n'Abamwungirije n'iz'abakozi b'Urwego rw'Umuvunyi;
- Hakurikiranwe itegurwa ry'umuganda witabiriwe n'Abasenateri n'Abakozi ba Sena mu Turere.

Mu nama za Biro ya Sena hagiye hafatwa imyanzuro itandukanye yafashije Sena mu kuzuza inshingano zayo.

**Ishusho ya 5: Imyanzuro yafashwe na Biro**




*Aho byavuye: Raporo za Biro ya Sena ( Nyakanga 2019-Kamena 2020)*

Mu mwaka wa 2019-2020, Biro ya Sena yateranye mu nama zayo inshuro mirongo itatu n'esheshatu (36). Muri izo nama hafatiwemo imyanzuro magana ane na makumyabiri (420). Imyanzuro yafashwe na Biro ya Sena yose yagiye ishyirwa mu bikorwa.

### I.3.3. Kwakira no gusuzuma inyandiko igaragaza imitungo nyakuri y'Umuvunyi Mukuru, iy'Abavunyi Bungirije n'iy'abandi bakozi b'Urwego rw'Umuvunyi

Nk'uko biteganywa n'ingingo n'Itegeko Ngenga N°007/2018.OL ryo ku wa 08/09/2018 rigenga imikorere ya Sena, mu ngingo yaryo ya 80, Urwego rw'Umuvunyi rushyikiriza Biro ya Sena inyandiko igaragaza imitungo y'Umuvunyi Mukuru, iy'Abavunyi Bungirije n'iy'abandi bakozi b'Urwego rw'Umuvunyi bagomba kugaragaza imitungo yabo.

Mu mwaka wa 2019/2020, Biro ya Sena yagenzuye ko amakuru yashyikirijwe akubiye mu nyandiko menyekanishamutungo z'umwaka wa 2018/2019 ku mitungo yose igaragazwa n'Umuvunyi Mukuru, iy'Abavunyi Bungirije n'iy'abandi bayobozi b'Urwego rw'Umuvunyi (ubutaka, amazu, ibinyabiziga, imigabane n'imyenda afitiwe), ahuye n'ukuri.

Biro ya Sena kandi yakiriye inyandiko igaragaza imitungo y'Umuvunyi Mukuru, iy'Abavunyi Bakuru Bungirije n'iy'abandi bayobozi b'Urwego rw'Umuvunyi mu mwaka wa 2019/2020.

**Ifoto ya 4: Biro ya Sena yakira inyandiko igaragaza imitungo y'Umuvunyi Mukuru**



*Aho byavuye: Ububiko bw'inyandiko za Sena*

Muri Kamena 2020, Abagize Biro ya Sena bakiriye inyandiko igaragaza imitungo y'Umuvunyi Mukuru iy'Abavunyi Bakuru Bungirije n'iy'abandi bayobozi b'Urwego rw'Umuvunyi mu mwaka wa 2019/2020.

## I.4. Komisiyo zihoraho za Sena

Nk'uko biteganywa n'Itegeko Ngenga N°007/2018.OL ryo ku wa 08/09/2018 rigena imikorere ya Sena, Sena ifite Komisiyo zihoraho enye (4) zikurikira:

- Komisiyo ya Politiki n'Imiyoborere;
- Komisiyo y'Imibereho y'Abaturage n'Uburenganzira bwa Muntu;
- Komisiyo y'Iterambere ry'Ubukungu n'Imari;
- Komisiyo y'Ububanyi n'Amahanga, Ubutwererane n'Umutekano.

Buri Komisiyo igira Biro yayo igizwe na Perezida na Visi Perezida. Batowe mu nama y'Inteko Rusange ya Sena yo ku itariki ya 30/10/2019.

Komisiyo zihoraho za Sena zihuriye ku nshingano zikurikira ziteganywa n'Itegeko Ngenga N°007/2018.OL ryo ku wa 08/09/2018 rigenga imikorere ya Sena, ngingo yaryo ya 86:

- Kugenzura ishyirwa mu bikorwa ry'amahame remezo;
- Gusuzuma imishinga y'amategeko;

- Kumenya no kugenzura ibikorwa bya Guverinoma;
- Gusuzuma dosiye zerekeye iyemezwa ry'abayobozi;
- Gusuzuma raporo z'ibikorwa by'inzego za Leta zishyikirizwa Inteko Ishinga Amategeko;
- Gusuzuma ibibazo by'abaturage byashyikirijwe Sena.

Ku bijyanye n'amahame remezo, by'umwihariko hakozwe igikorwa cyo kumenyekanisha ubushakashatsi bwakozwe na Sena ku miterere y'ihakana n'ipfobya bya Jenoside yakorewe Abatutsi bibera mu mahanga n'ingamba zo kubirwanya.

Ku bijyanye no gusuzuma imishinga y'amategeko, imishinga y'amategeko ine (4) yemejwe na Sena mu mwaka wa 2019/2020, itatu (3) ntabwo yanyuze muri Komisiyo, umushinga w'itegeko umwe (1) wasuzumwe n'Inama y'Abaperezida.

Komisiyo zakoze ibikorwa byo kumenya no kugenzura ibikorwa n'imikorere bya Guverinoma bitandukanye. Mu gushyira mu bikorwa iyi nshingano, Komisiyo zagiye zinareba uko amahame remezo yubahirizwa.

Ku birebana no gusuzuma dosiye z'abayobozi basabirwa kwemezwa na Sena, buri Komisiyo yasuzumye dosiye yashyikirijwe na Biro ya Sena hashingiwe ku nshingano zayo. Raporo zashyikirijwe Inteko Rusange izifataho imyanzuro.

Komisiyo nanone, hakurikijwe inshingano zazo, zasuzumye raporo na gahunda by'ibikorwa by'Inzego na Komisiyo z'Igihugu ziteganywa n'Itegeko Nshinga n'andi mategeko ko zigeza raporo ku Nteko Ishinga Amategeko, zigeza raporo ku Nteko Rusange hafatwa imyanzuro itandukanye yashyikirijwe Guverinoma ndetse n'ireba Sena ubwayo.

Umugereka wa 3 ugaragaza abagize Komisiyo zihoraho za Sena.

## I.5. Komite igenzura imikorere ya Sena, imyitwarire, imyifatire n'ubudahangarwa by'Abasenateri

Nk'uko biteganywa n'Itegeko Ngenga N°007/2018.OL of 08/09/2018 rigena imikorere ya Sena, mu ngingo yaryo ya 30, Sena yitoramo Komite igizwe n'Abasenateri nibura batanu (5) hitawe ku byiciro bitandukanye bigize Sena iyo bishoboka. Nk'uko biteganywa n'iyo ngingo, Komite igira Biro igizwe na Perezida na Visi Perezida.

Inteko Rusange ya Sena yo ku wa 30/10/2019 yemeje ku bwumvikane busesuye, abagize Komite nk'uko yari yabagejejweho na Biro ya Sena. Yanatoye kandi Biro yayo.

Komite igenzura imikorere ya Sena, imyitwarire, imyifatire n'ubudahangarwa by'Abasenateri ifite inshingano zo gusuzuma ibikorwa bya Biro ya Sena, iby'Inama y'Abaperezida, ibya Komisiyo zihoraho za Sena, iby'Inteko Rusange n'iby'urwego rw'imirimo rwa Sena, gukurikirana no kugira inama Abasenateri ku byerekeye imyitwarire n'imyifatire

yabo haba mu Ngoro ya Sena cyangwa hanze yayo, kureba no gukurikirana uko ubudahangarwa bw'Abasenateri bwubahirizwa no gutanga ibitekerezo ku bigenerwa Abasenateri, gukurikirana imyanzuro yabifatiwe n'ishyirwa mu bikorwa ryabyo.

Mu mwaka wa 2019-2020, Komite yagejeje ku Nteko Rusange raporo ku gikorwa cyayo kirebana no gusuzuma imikorere y'Inzego za Sena.

Umugereka wa 4 ugaragaraho Abasenateri bagize Komite muri manda ya gatatu ya Sena.

### I.6. Ubunyamabanga Bukuru bwa Sena

Nk'uko biteganywa n'Itegeko Ngenga N°007/2018.OL ryo ku wa 08/09/2018 rigenga imikorere ya Sena mu ngingo yaryo ya 33, Ubunyamabanga Bukuru bwa Sena bugizwe n'inzego z'imirimo za Sena ziyifasha kurangiza neza inshingano zayo. Inzego zose z'imirimo za Sena zikuriwe n'Umunyamabanga Mukuru zikagenzurwa na Biro ya Sena.

Ku bireba n'ibyakozwe n'inzego z'imirimo za Sena muri manda ya kabiri ya Sena, izo nzego, zagize uruhare mu kunganira Abasenateri kugira ngo barangize neza inshingano zabo. By'umwihariko inzego z'imirimo zakoze ibi bikurikira:

- Hateguwe inama z'Inteko Rusange, hagezwa ku Basenateri inyandiko zifashishwa mu nama z'Inteko Rusange, hanakorwa inyandiko mvugo n'inyandiko zivunaguye z'inama z'Inteko Rusange;
- Hateguwe inama tekiniki (briefings) ku mishinga y'amategeko yohererejwe Sena mbere y'uko isuzumirwa ishingiro, ku itegurwa ry'ibikorwa bya Komisiyo birebana no kugenzura ishyirwa mu bikorwa ry'amahame remezo, kumenya no kugenzura ibikorwa bya Guverinoma no kuri raporo z'ibikorwa z'Inzego ziteganywa n'Itegeko Nshinga ko zigeza raporo zazo ku Nteko Ishinga Amategeko, Imitwe Yombi na Sena by'umwihariko;
- Hatanzwe inama mu by'amategeko (legal opinions) ku mishinga y'amategeko, amasezerano, ku bibazo by'abaturage n'izindi nyandiko kandi abakozi babishinzwe bunganiye Komisiyo mu gihe hasuzumwaga inyandiko zisuzumirwa muri Komisiyo;
- Hakurikiranywe ko amategeko yatowe yatangajwe mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda ahuye n'ayatowe n'Inteko Ishinga Amategeko;
- Inzego z'imirimo za Sena zakomeje kugira uruhare mu guteza imbere ibikorwa bijyanye n'ikoranabuhanga. By'umwihariko hateguwe inama zikozwe mu buryo bw'ikoranabuhanga mu bikorwa by'inzego zitandukanye za Sena. By'umwihariko hakozwe ibi bikurikira:

    - Hateguwe imfashanyigisho (user guide) kandi hatangwa amahugurwa ku mikoreshereze y'uburyo bwa "Video Conference" butandukanye ari bwo "Zoom, Skype na Cisco Webex Meetings" ku bagize Inteko Ishinga Amategeko n'abakozi mu bihe byo gukorera mu rugo kubera Icyorezo cya COVID-19;
    - Hateguwe ndetse hayoborwa (host) inama za Komisiyo zitandukanye ndetse n'izindi nzego za Sena zikorwa mu buryo bw'ikoranabuhanga mu rwego rwo kwirinda ikwirakwizwa ry'Icyorezo cya COVID-19 (Inama zose zayobowe muri uyu mwaka ni 319 zikaba zarakoresheje igihe kingana n'amasaha 866);
    - Hakurikiranywe ikibazo cya E-Parliament ku mikorere n'imikoreshezwe yayo;

- Hakurikiranywe ibibazo byagiye bigaragara mu mikoreshereze ya DTWMS hakomeza kutunganwa Database yayo;
- Hakomeje gukurikirana imikorere ya Smart Library harebwa ibibazo birimo.

➢ Hakozwe imenyekanisha rya buri munsi ry'ibikorwa bya Sena na gahunda zijyanye no kwegera abaturage;
➢ Hitawe ku micungire myiza y'imari n'umutungo bya Sena ndetse n'imicungire y'Abakozi.

## II. IBYAKOZWE NA SENA HAKURIKIJWE INSHINGANO N'UBUBASHA BYAYO

Nk'uko bitegenywa n'Itegeko Ngenga n°007/2018.OL ryo ku wa 08/09/2018 rigenga imikorere ya Sena mu ngingo yaryo ya 2, Sena ifite kandi inshingano zihariye zikurikira: kugenzura ishyirwa mu bikorwa ry'amahame remezo avugwa mu ngingo ya 10 y'Itegeko Nshinga, kugenzura imikorere y'imitwe ya politiki, guha Umutwe w'Abadepite ibitekerezo ku mushinga w'ingengo y'imari ya Leta mbere y'uko wemezwa burundu.

Sena kandi ijya impaka ku mategeko ikanayatora. Ishyiraho amategeko kandi igenzura imikorere ya Guverinoma mu buryo buteganywa n'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015 n'itegeko ngenga rigena ibigomba gukurikizwa mu kumenya no kugenzura ibikorwa bya Guverinoma.

Mu ngingo yaryo ya 3 y'Itegeko Ngenga n°007/2018.OL ryo ku wa 08/09/2018 rigenga imikorere ya Sena, hateganyijwe ububasha bwa Sena mu birebana no kwemeza ishyirwaho ry'abayobozi ndetse no gutanga inama ku bibazo bikomereye Igihugu biri mu nshingano zayo.

### II.1. Kugenzura iyubahirizwa ry'amahame remezo

Mu ngingo ya 84 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, Sena ifite inshingano y'umwihariko yo kugenzura ishyirwa mu bikorwa ry'amahame remezo avugwa mu ngingo ya 10.

#### II.1.1. Kumenyekanisha amahame remezo

Nk'uko biteganywa kandi n'Itegeko Ngenga n°007/2018.OL ryo ku wa 08/09/2018 rigenga imikorere ya Sena mu ngingo yaryo ya 172, Sena imenyekanisha amahame remezo ateganywa n'ingingo ya 10 y'Itegeko Nshinga kugira ngo Abanyarwanda n'abandi bafatanyabikorwa bayasobanukirwe.

Kumenyekanisha amahame remezo mu byiciro binyuranye by'Abanyarwanda baba mu Gihugu cyangwa mu mahanga bikorwa hifashishijwe inama nyunguranabitekerezo, ibiganiro mbwirwaruhame, inyandiko zinyuranye, gutangaza ibyavuye mu bushakashatsi bwakozwe na Sena ku mahame remezo, itangazamakuru cyangwa ubundi buryo bwakwemezwa na Biro ya Sena.

Ni muri uru rwego, ku wa 03 Ukwakira 2019, Sena yatangaje ubushakashatsi ku miterere y'ihakana n'ipfobya bya Jenoside yakorewe Abatutsi bibera mu mahanga n'ingamba zo kubirwanya.

**Ifoto ya 5: Abasenateri bamenyekanisha ubushakashatsi muri ILPD**



Muri rusange, ubu bushakashatsi bwari bugamije kugaragaza imiterere n'imiyoboro y'ihakana n'ipfobya bya Jenoside yakorewe Abatutsi bikorerwa mu mahanga n'ingamba zo kubirwanya.

Nyuma yuko ubwo bushahashatsi butangajwe, hateganyijwe ibikorwa byo kubumenyekanisha. Ni muri urwo rwego, Komisiyo y'Ububanyi n'Amahanga, Ubutwererane n'Umutekano ku bufatanye n'abandi Basenateri yamenyekanishije ibikubiye mu bushakashatsi:

- mu mashuri makuru na kaminuza
- ku banyarwanda baba mu mahanga bitabiriye Inama y'Igihugu y'Umushyikirano ku nshuro ya 17.

Raporo kuri ibi bikorwa yagejejwe ku Nteko Rusange ya Sena tariki ya 11 Werurwe 2020, hemezwa ko ubushakashatsi bukomeza kugezwa no ku bindi byiciro by'Abanyarwanda.

## II.1.2. Ibikorwa byo kugenzura ishyirwa mu bikorwa ry'amahame remezo

Nk'uko bitegenywa n'Itegeko Ngenga n°007/2018.OL ryo ku wa 08/09/2018 rigenga imikorere ya Sena mu ngingo yaryo ya 173, Sena igenzura iyubahirizwa ry'amahame remezo igihe cyose, haba mu gutora amategeko, kugenzura ibikorwa n'imikorere bya

Guverinoma, kwemeza ishyirwaho ry'abayobozi, gusura abaturage no kugenzura imikorere y'imitwe ya politiki.

Ni muri urwo rwego, Sena yakomeje gushyira mu bikorwa ibijyanye n'iyi nshingano yayo y'umwihariko, haba mu kwemeza ishyirwaho ry'abayobozi, kumenya no kugenzura ibikorwa bya Guverinoma, kungurana ibitekerezo muri Komisiyo n'abahagarariye Guverinoma, isuzumwa rya raporo z'ibikorwa bya Komisiyo z'Igihugu cyangwa iby'Inzego za Leta zashyikirijwe Inteko Ishinga Amategeko muri rusange na Sena by'umwihariko, gutanga ibitekerezo ku mushinga w'itegeko ryerekeye ingengo y'imari ya Leta.

By'umwihariko, ku wa 17 Nyakanga 2019, Komisiyo y'Imibereho y'Abaturage n'Uburenganzira bwa Muntu yagejeje ku Nteko Rusange ya Sena raporo ku gikorwa cyo kumenya uruhare rw'Inama y'Igihugu y'Umurimo mu iyubahirizwa ry'Ihame remezo ryo gushaka umuti w'Ibibazo binyuze mu inzira y'Ibiganiro n'Ubwumvikane busesuye mu rwego rw'umurimo.

## II.2. Gutanga ibitekerezo ku mushinga w'ingengo y'imari ya Leta

Nk'uko biteganywa n'ingingo ya 162 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, "mbere y'uko ingengo y'imari ya Leta yemezwa burundu, Sena igomba gushyikiriza Umutwe w'Abadepite icyo ivuga ku mushinga w'ingengo y'imari ya Leta".

Sena kandi, nk'uko biteganywa n'Itegeko Ngenga n° 12/2013/OL ryo kuwa 12/09/2013 ryerekeye imari n'umutungo bya Leta, mu ngingo zaryo, iya 32 n'iya 41, itanga ku mbanzirizamushinga y'itegeko ry'ingengo y'imari no ku mushinga w'ivugururwa ry'ingengo y'imari.

Mu mwaka wa 2019/2020, Sena yagejeje ibitekerezo byayo ku Mutwe w'Abadepite hashingiwe ku nyandiko zikurikira:


- Umushinga w'itegeko rihindura kandi ryuzuza Itegeko n° 014/2019 ryo ku wa 30/06/2019 rigena ingengo y'imari ya Leta ya 2019/2020;
- Imbanzirizamushinga y'itegeko rigena ingengo y'imari ya Leta y'igihe giciriritse (Budget Framework Paper) hamwe n'imibare y'ikigereranyo cy'ingengo y'imari ya 2020/2021-2022/2023;
- Umushinga w'itegeko rigena ingengo y'imari ya Leta y'umwaka wa 2020-2021.

Ibitekerezo byateguwe na Komisiyo y'Iterambere ry'Ubukungu n'Imari, ishingiye ku bitekerezo byatanzwe na Komisiyo zihoraho za Sena, byemezwa n'Inteko Rusange. Ibyo bitekerezo byatanzwe nyuma yo gusesengura politiki, ingamba n'imirongo migari ingengo y'imari ishingiyeho. Harebwe kandi ko ingengo y'imari ya Leta yita ku mahame remezo Igihugu cyiyemeje kugenderaho no gutuma yubahirizwa.

## II.3. Kwemeza ishyirwaho ry'Abayobozi bo mu Nzego za Leta

Nk'uko biteganywa n'ingingo ya 86 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, Sena ifite ububasha bwo kwemeza ishyirwaho ry'Abayobozi bateganywa n'Itegeko Nshinga n'andi mategeko.

**Ishusho ya 6: Abayobozi bemejwe na Sena**




*Aho byavuye: Raporo za Sena z'ibihembwe by'umwaka wa 2019/2020*

Muri rusange mu mwaka wa 2019/2020, Sena yemeje ishyirwaho ry'abayobozi mirongo itatu na batanu (35) barimo Abayobozi b'Ibigo bya Leta cumi na batatu (13), Ambasaderi cumi na batatu (13) n'Abacamanza icyenda (9).

Raporo zirambuye zijyanye no kwemeza ishyirwaho ry'abayobozi bo mu nzego za Leta nk'uko zagiye zikorwa na Komisiyo zihoraho za Sena zigaragara mu bubiko bw'inyandiko za Sena.

Urutonde rw'Abayobozi bemejwe na Sena ruri ku mugereka wa 7 w'iyi raporo.

## II.4. Gusuzuma no gutora amategeko


Nk'uko biteganywa n'ingingo ya 64 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 nk'uko ryavuguruwe mu 2015, Sena, nk'Umutwe w'Inteko Ishinga Amategeko, ijya impaka ku mategeko ikanayatora.

Hashingiye ku ngingo ya 85 y'iri Tegeko Nshinga igena ububasha bwa Sena mu gutora amategeko, mu mwaka wa 2019/2020, Sena yasuzumye inatora amategeko ane (4) nk'uko bigaragara mu gishushanyo gikurikira:

- Itegeko ngenga rigenga amatora;
- Itegeko ngenga rishyiraho amategeko rusange agenga ibigo bya Leta;

- Itegeko ryemera kwemeza burundu amasezerano avuguruye ashyiraho Umuryango w'Ubukungu w'Ibihugu by'Afurika yo hagati, yashyiriweho umukono i Libreville muri Gabon, ku wa 18 Ukuboza 2019;
- Itegeko ryemera kwemeza burundu amasezerano y'iyinjizwa ry'u Rwanda muri Africa (Finance Corporation) yashyizweho umukono ku wa 20 Kamena 2019 hagati ya Africa Finance Corporation na Repubulika y'u Rwanda.

**Ishusho ya 7: Amategeko yatowe na Sena (Nyakanga 2019-Kamena 2020)**




*Aho byavuye: Raporo za Sena z'ibihembwe by'umwaka wa 2019/2020*

## II.5. Kumenya no kugenzura ibikorwa n'imikorere bya Guverinoma

Mu rwego rwo kumenya no kugenzura imikorere ya Guverinoma, abagize Sena bashobora kubaza Minisitiri w'Intebe mu magambo cyangwa mu nyandiko agasubiza ubwe, iyo ari ibibazo byerekeye Guverinoma yose cyangwa Minisiteri nyinshi icyarimwe cyangwa agasubirizwa n'abagize Guverinoma bireba nk'uko biteganywa n'ingingo ya 131 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 nk'uko ryavuguruwe mu 2015. Sena ishobora na none gushyiraho za Komisiyo zishinzwe kugenzura ibikorwa bya Guverinoma.

### II.5.1. Kugezwaho na Minisitiri w'Intebe gahunda n'ibikorwa bya Guverinoma

Nk'uko biteganywa n'ingingo ya 133 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, rimwe mu gihembwe cy'Inteko Ishinga Amategeko, Minisitiri w'Intebe aza gusobanurira Inteko Ishinga Amategeko, Imitwe yombi iteranye, ibikorwa bya Guverinoma.

**Ifoto ya 6: Minisitiri w'Intebe ageza gahunda n'ibikorwa bya Guverinoma ku bagize Inteko Ishinga Amategeko**



***Aho byavuye: Ububiko bw'inyandiko za Sena***

Mu mwaka wa 2019/2020, Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe yagejeje ku Nteko Ishinga Amategeko, Imitwe yombi iteranye, gahunda n'ibikorwa bya Guverinoma ku ngingo zikurikira:

- Ibikorwa bya Guverinoma byo mu rwego rw'ubucuruzi;
- Ibikorwa bya Guverinoma bijyanye n'ikoranabuhanga mu bukungu bushingiye ku bumenyi.

### II.5.2. Ibikorwa bya Komisiyo za Sena bijyanye no kumenya no kugenzura ibikorwa n'imikorere bya Guverinoma

Komisiyo za Sena zakoze ibikorwa byo kumenya no kugenzura ibikorwa n'imikorere bya Guverinoma bigaragaragara mu mbonerahamwe ikurikira:

**Imbonerahamwe ya 3: Ibikorwa bya Komisiyo za Sena bijyanye no kumenya no kugenzura ibikorwa n'imikorere bya Guverinoma**

| Nº | Komisiyo | Igikorwa | Itariki raporo yagejejwe ku Nteko Rusange |
|---|---|---|---|
| 1. | Komisiyo y'Ububanyi n'Amahanga, Ubutwererane n'Umutekano | Kungurana ibitekerezo muri Komisiyo na Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane ku bijyanye n'ubutwererane bugamije iterambere ry'ubukungu. | 15/07/23019 |
| 2. | Komisiyo ya Politiki n'Imiyoborere | Kugenzura imikorere ya Komite z'abunzi, ku birebana no gushyira mu bikorwa itegeko ku buryo bunoze kandi bikozwe ku gihe. | 09/06/2020 |
| 3. | Komisiyo y'Iterambere ry'Ubukungu n'Imari | Kugenzura imikorere n'imicungire by'amakoperative. | 11/06/2020 |

*Aho byavuye: Raporo za Sena z'ibihembwe by'umwaka wa 2019/2020*

Nyuma y'uko Komisiyo zihoraho za Sena zigejeje ku Nteko Rusange raporo ku bikorwa binyuranye bijyanye no kumenya no kugenzura ibikorwa n'imikorere bya Guverinoma hafashwe imyanzuro yashyikirijwe Guverinoma harimo no gutumiza uhagarariye Guverinoma kugira ngo atange ibisobanuro mu magambo ku bibazo binyuranye.

### II.5.3. Kubazwa mu magambo

Inteko Rusange ya Sena yo ku itariki ya 27 Gashyantare 2019, nyuma yo kugezwaho raporo ya Komisiyo y'Imibereho y'Abaturage n'Uburenganzira bwa Muntu ku isesengura rya raporo y'ibikorwa bya Komisiyo y'Igihugu ishinzwe Abakozi ba Leta by'umwaka wa 2017-2018, na gahunda y'ibikorwa by'umwaka wa 2018-2019, yafashe umwanzuro wo gutumira uhagarariye Guverinoma kugira ngo atange ibisobanuro mu magambo ku bibazo bigikomeza kugaragara mu mitangire y'akazi no mu micungire y'abakozi ba Leta.

Ni muri urwo rwego tariki ya 18/07/2019, Minisitiri w'Abakozi ba Leta na Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta bagejeje ku Nteko Rusange ya Sena ibisobanuro mu magambo ku bibazo bigikomeza kugaragara mu mitangire y'akazi no mu micungire y'abakozi ba Leta.

**Ifoto ya 7: Minisitiri w'Ubutabera na Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo bageza ibisobanuro mu magambo ku Nteko Rusange**



*Aho byavuye: Ububiko bw'inyandiko za Sena*

Nyuma yo kugezwaho ibisobanuro, Inteko Rusange yaranyuzwe, maze ikibazo gihagararira aho.

## II.6. Gusuzuma raporo z'Inzego ziteganywa n'Itegeko Nshinga n'andi mategeko

Nk'uko biteganywa n'Itegeko Ngenga N°007/2018.OL ryo ku wa 08/09/2018 rigenga imikorere ya Sena mu ngingo yaryo ya 183, Inzego ziteganywa n'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda n'andi mategeko zishyikiriza raporo yazo Inteko Ishinga Amategeko. Izo nzego zigeza kandi raporo yazo mu magambo ku Mitwe yombi igize Inteko Ishinga Amategeko iteraniye hamwe. Izo nzego ni izi zikurikira:

1. Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu;
2. Komisiyo y'Igihugu Ishinzwe Abakozi ba Leta;
3. Komisiyo y'Igihugu yo Kurwanya Jenoside;
4. Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge
5. Urwego rw'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta;
6. Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere;
7. Urwego rw'Umuvunyi;
8. Banki Nkuru y'u Rwanda.

Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge igeza raporo yayo ku Nteko Rusange ya Sena gusa.

**Ifoto ya 8: Perezida wa NURC ageza raporo ku Nteko Rusange ya Sena**



*Aho yavuye: Ububiko bw'inyandiko za Sena*

Nyuma yo kugezwa ku Nteko Rusange y'Imitwe yombi n'iya Sena by'umwihariko, raporo zashyikirijwe Komisiyo za Sena zibifite mu nshingano, zirazisesengura, zigeza raporo ku Nteko Rusange ya Sena, izifataho imyanzuro yashyikirijwe inzego bireba.

Umugereka wa 8 ugaragaza igihe Inzego bireba zagejeje raporo z'ibikorwa by'umwaka byazo ku Nteko Ishinga Amategeko.

## II.7. Guhagararira abaturage

Nk'uko biteganywa n'ingingo ya 65 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, umuntu wese mu bagize Inteko Ishinga Amategeko aba ahagarariye Igihugu cyose, ntabwo aba ahagarariye gusa abamutoye cyangwa abamushyizeho, cyangwa se umutwe wa politiki wamutanzeho umukandida mu matora.

Sena yashyize mu bikorwa iyo nshingano mu bikorwa byayo byose, ariko by'umwihariko mu gihe Abasenateri bakora ingendo z'akazi hirya no hino mu Gihugu, haba mu bikorwa byo kumenya no kugenzura ibikorwa n'imikorere ya Guverinoma, haba mu gihe Umusenateri ku giti cye asura abaturage akoresheje iminsi ibiri (2) yemererwa mu kwezi,

hagamijwe kumenya ibibazo bihari kugira ngo Sena igire uruhare mu kujya inama zo kubikemura, cyangwa kubishyikiriza inzego zishinzwe kubikemura.

### II.7.1. Kwifatanya n'abaturage mu bikorwa by'umuganda

Mu mwaka wa 2019/2020, Abasenateri hamwe n'abakozi bitabiriye igikorwa cy'umuganda. By'umwihariko, nyuma yo gusoza umwiherero wabaye kuva ku itariki ya 27 kugera ku ya 30 Ugushyingo 2019, muri La Palisse Nyamata mu Karere ka Bugesera, Abasenateri bose bagize manda ya gatatu ya Sena bifatanyije n'abaturage bo mu Murenge wa Ruhuha mu muganda usoza ukwezi k'Ugushyingo 2019.

Muri rusange buri wa gatandatu wa nyuma w'ukwezi hakozwe umuganda mu Turere dutandukanye tw'Igihugu: mu Ntara y'Amajyepfo: (Kamonyi, Muhanga, Ruhango, Nyanza, Huye, Gisagara, Nyamagabe, Nyaruguru), mu Ntara y'Amajyaruguru: (Akarere ka Rulindo) mu Ntara y'i Burasirazuba (Akarere ka Rwamagana na Bugesera) no mu Ntara y'i Burengerazuba (Akarere ka Rutsiro), bifatanya nabo mu bikorwa by'iterambere ry'Igihugu.

**Ifoto ya 9: Abasenateri mu gikorwa cy'umganda w'impera z'ukwezi mu Karere ka Bugesera**



*Aho byavuye: Ububiko bw'inyandiko za Sena*

Nyuma y'umuganda, Abasenateri bunguranye ibitekerezo n'abaturage hamwe n'abayobozi b'inzego zibanze, hagamijwe kurushaho kubasobanurira gahunda za Leta. Abasenateri bagejejweho ibibazo n'abaturage bishakirwa ibisubizo ibindi bikomeza gukorerwa ubuvugizi. Abasenateri baboneyeho umwanya basobanurira abaturage imikorere y'Inteko Ishinga Amategeko n'iya Sena by'umwihariko.

### II.7.2. Gusuzuma ibibazo by'abaturage

Muri rusange ibibazo abaturage bagejeje kuri Sena ni ibibazo byerekeye akarengane bavuga ko bagiriwe n'inzego Leta cyangwa iz'abikorera cyangwa n'abandi, ibibazo byerekeranye no gukorerwa ubuvugizi, haba mu bijyanye no kubona akazi, aho gutura n'ibindi.

Ibyo bibazo byarasuzumwe hatangwa inama zagejejwe ku bazanye ibibazo, cyangwa aho byabaye ngombwa hakorwa ubuvugizi ku nzego za Leta.

Binyuze nzego zayo, Sena yagize uruhare rugaragara mu gukemura ibibazo byihariye abaturage ku giti cyabo cyangwa amashyirahamwe bagiye bayigezaho. Ibyo bibazo Sena yasuzumye ikanasesengura biri mu byiciro bitatu (3) bikurikira:

- Ibibazo by'akarengane kanyuranye abaturage bavugaga ko bagiriwe n'inzego, zaba iza Leta cyangwa iz'abikorera;
- Ibibazo by'akarengane abaturage bavugaga ko bagiriwe n'abandi baturage;
- Ibibazo by'abaturage baharaniraga uburenganzira bwabo bwo kubona aho batuzwa hakwiye cyangwa se abatujwe ahandi bavanywe aho bari bari, bikabagiraho ingaruka zitari nziza basabaga ko zakemurwa.

Nyuma yo gusuzuma no gusesengura ibibazo, Sena yagiye ifata imyanzuro ndetse igatanga inama y'uko byakemuka.

## III. IMIKORANIRE YA SENA N'IZINDI NZEGO NO GUTSURA UMUBANO N'UBUTWERERANE N'IZINDI NTEKO ZISHINGA AMATEGEKO

### III.1. Imikoranire ya Sena n'Umutwe w'Abadepite

Imikoranire y'Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko iteganywa n'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo 2003 ryavuguruwe mu 2015. Iteganywa kandi n'Itegeko Ngenga rigenga imikorere ya buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko. Inama zihuza Inteko Rusange z'Imitwe yombi zarakozwe, Komisiyo zihuriweho n'Imitwe yombi zagiye zemeranywa ku myanzuro yerekeye amategeko atandukanye.

Biro z'Imitwe yombi zateranye zungurana ibitekerezo ku bireba imigendekere y'imirimo y'Inteko Ishinga Amategeko. By'umwihariko, Biro zombi zafashe imyanzuro ku bibazo Imitwe yombi ihuriyeho nko gusana Ingoro y'Inteko Ishinga Amategeko, umutekano n'isuku mu Ngoro y'Inteko Ishinga Amategeko, kwakira abashyitsi no gutegura inama mpuzamahanga.

### III.2. Imikoranire n'izindi nzego zo mu Gihugu

Abagize Sena bitabiriye inama n'ibiganiro nyunguranabitekerezo byaba ibyateguwe n'Inteko Ishinga Amategeko (Imitwe yombi), izateguwe n'Umutwe w'Abadepite cyangwa izindi nzego.

Abasenateri bitabira Inama y'Igihugu y'Umushyikirano. Abayobozi ba Sena kandi bitabira umwiherero w'Abayobozi bakuru (Leadership Retreat).

Nk'uko biteganywa n'amategeko Abasenateri bitabiriye imihango itandukanye ijyanye n'irahira ry'Abadepite, Abagize Guverinoma, abacamanza n'abandi Bayobozi Bakuru amategeko ateganya ko barahirira imbere ya Perezida wa Repubulika.

Nk'uko biteganywa n'Itegeko Ngenga n°007/2018.OL ryo ku wa 08/09/2018 rigena imikorere ya Sena, mu ngingo yaryo ya 204, Sena ishobora gutsura umubano n'Inteko Zishinga Amategeko z'ibindi Bihugu n'Imiryango Mpuzamahanga ihuza Inteko Zishinga Amategeko bigakorwa hashingiwe kuri politiki y'Igihugu y'ububanyi n'amahanga, binyuze:

- mu nama mpuzamahanga zihuza abagize Inteko Ishinga Amategeko y'u Rwanda n'iz'imiryango mpuzamahanga ihuza Inteko zishinga Amategeko z'ibihugu,
- amatsinda y'ubucuti ahuza abagize Inteko Ishinga Amategeko y'u Rwanda n'izindi Nteko Zishinga Amategeko z'ibindi bihugu;
- gusura cyangwa gutumira abahagarariye Inteko Zishinga Amategeko z'ibindi bihugu;
- gukorana amasezerano y'ubufatanye n'izindi Nteko Zishinga Amategeko.

Muri urwo rwego, habayeho gukorana n'izindi Nteko Zishinga Amategeko z'Imiryango u Rwanda rurimo, Abasenateri bitabiriye ubutumwa mu mahanga. Sena yakiriye abashyitsi batandukanye.

## III.3. Gutsura umubano n'Inteko Zishinga Amategeko z'ibindi Bihugu n'Imiryango Mpuzamahanga ihuza Inteko Zishinga Amategeko

Nk'uko bitegenywa n'Itegeko Ngenga n°007/2018.OL ryo ku wa 08/09/2018 rigenga imikorere ya Sena mu ngingo yaryo ya 204, Sena ishobora gutsura umubano n'Inteko zishinga Amategeko z'ibindi bihugu n'imiryango mpuzamahanga ihuza Inteko zishinga Amategeko bigakorwa hashingiwe kuri politiki y'Igihugu y'ububanyi n'amahanga.

Ni muri urwo rwego, Sena yakoze byinshi birimo:

- Imikoranire ya Sena n'izindi Nteko Zishinga Amategeko z'Imiryango u Rwanda rurimo;
- Ubutumwa bw'abagize Sena mu Nteko Zishinga Amategeko n'Imiryango Mpuzamahanga ihuza Inteko Zishinga Amategeko;
- Kwitabira inama mpuzamahanga z'abagize Inteko Zishinga Amategeko zabereye mu Rwanda;
- Kwakira abashyitsi batandukanye baturutse mu bihugu by'amahanga.

### III.3.1. Imikoranire ya Sena n'izindi Nteko Zishinga Amategeko z'Imiryango u Rwanda rurimo

Muri uyu mwaka wa 2019/2020, Abagize Inteko Ishinga Amategeko batoye Abadepite n'Abasenateiri basimbura abari bacyuye igihe bari bahagarariye u Rwanda mu Nteko Ishinga Amategeko Nyafurika (PAP).

U Rwanda ruhagarariwe mu Nteko Nyafurika Ishinga Amategeko (PAP) n'Abagize Inteko Ishinga Amategeko batanu (5) bagizwe n'Abadepite batatu (3) n'Abasenateri babiri (2).

Muri iyi manda ya 3 ya Sena, hatowe Hon. BIDERI John Bonds na Hon. UWERA Pélagie basimbuye Hon. Dr. SINDIKUBWABO Jean Nepomuscène na Hon. MUHONGAYIRE Jacqueline bari batowe muri manda ya 2.

### III.3.1.2. Inama Mpuzamahanga z'Abagize Inteko Zishinga Amategeko zabereye mu Rwanda

Mu bihe bitandukanye, Abasenateri bitabiriye Inama mpuzamahanga z'abagize Inteko Zishinga Amategeko zabereye mu Rwanda. Kubera Icyorezo cya COVID-19, hari inama bamwe mu bagize Sena bitabiriye hifashishijwe uburyo bw'ikoranabuhanga.

Muri izo nama abagize Inteko Ishinga Amategeko y'u Rwanda baboneraho umwanya wo kugaragaza isura nyayo y'u Rwanda, guhanahana ubunararibonye no gukora ubuvugizi.

Ikindi kandi, nuko Inteko Rusange ya 143 ya IPU u Rwanda rwari rwemerewe kwakira mu Kwakira mu mwaka 2020 yasubitswe kubera Icyorezo cya COVID-19. Icyakora, u Rwanda rwemerewe kuzakira iyo Nteko Rusange kuva kuwa 06–10 Ugushyingo 2021. Imyiteguro yo kwakira iyo nama yaratangiye.

## III.4. Ubutumwa mu mahanga

Nk'uko biteganywa n'Itegeko Ngenga n°007/2018.OL ryo ku wa 08/09/2018 rigenga imikorere ya Sena mu ngingo yaryo ya 204, Sena itsura umubano n'Inteko Zishinga Amategeko z'ibindi Bihugu n'Imiryango Mpuzamahanga ihuza Inteko Zishinga Amategeko. Ibi bikorwa hashingiwe kuri politiki y'Igihugu y'ububanyi n'amahanga.

Ni muri uru rwego, Abagize Sena bakoze ingendo z'akazi mu bindi Bihugu, bitabira inama z'imiryango mpuzamahanga Inteko Ishinga Amategeko y'u Rwanda ibereye umunyamuryango.

**Imbonerahamwe ya 4: Abasenateri bagiye mu butumwa bw'akazi mu mahanga**

| Itariki y'Ubutumwa | Uwagiye mu butumwa | Igihugu ubutumwa bwabereyemo |
|---|---|---|
| 10–14/07/2019 | Hon SEBUHORO Celestin | Congo Brazzaville |
| 01–10/08/2019 | Hon. Muhongayire Jacqueline | South Africa |
| 30/08-5/09/2019 | Hon. Nyagahura Marguerite | Zanzibar |
| 04–11/08/2019 | Hon. Sindikubwabo Jean Nepmuscène | Praia Cape Velt |
| 23–26/09/2019 | Hon. Nyagahura Marguerite | Kenya |
| 31/10-02/11/2019 | Nyakubahwa Perezida wa Sena Hon. Iyamuremye Augustin | Botswana |
| 16–21/11/2019 | Hon. Nyirasafari Esperance | Island |
| 24–30/11/2019 | Hon. Mupenzi George | Djibouti |

| | | |
|---|---|---|
| 9-10/12/2019 | Hon. NYAGAHURA Marguerite<br>Hon. HARERIMANA Musa Fazili | i Doha muri QATAR |


*Aho byavuye: Raporo za Serivisi za Potocole muri Sena*

Muri izi nama zose abagize intumwa z'abagize Inteko Zishinga Amategeko zibonaraho umwanya wo kungurana ibitekerezo no gusangira ubunararibonye mu birebana n'inshinga yabo yo guhagararira abaturage.

## III.5. Abashyitsi basuye Sena

Mu mwaka wa 2019/2020 Sena yasuwe n'abashyitsi batandukanye barimo: abagize Inteko Zishinga Amategeko zo mu bihugu bitandukanye, abahagarariye ibihugu byabo mu Rwanda, n'abo mu Mahuriro y'Abagore yo mu Nteko Zishinga Amategeko, abakozi b'Inteko Zishinga Amategeko n'abaturuka mu zindi nzego.Umugereka wa 9: Abashyitsi basuye Sena

**Ishusho ya 8: Abashyitsi basuye Sena**




*Aho byavuye: Raporo za Serivisi za **Protocole** muri Sena*

Nk'uko bigaragara mu gishushanyo kiri hejuru, mu mwaka wa 2019/2020, Sena yakiriye abashyitsi mirongo ine na batatu (43), barimo intumwa zaturutse mu Nteko zishinga Amategeko (35), abahagarariye ibihugu byabo mu Rwanda (5) n'abashyitsi baturutse mu Miryango Mpuzamahanga (3).

**Ishusho ya 9: Biro ya Sena yakira Ambasaderi wa Israel mu Rwanda**



*Aho byavuye: Ububiko bw'inyandiko za Sena*

Umugereka wa 9 n'uwa 10 igaragaza ingeri zitandukanye z'abashyitsi basuye Sena.

## IV. IBYAGEZWEHO N'AMAHURIRO ASHAMIKIYE KU NTEKO ISHINGA AMATEGEKO

Nk'uko biteganywa n'Itegeko Ngenga n°007/2018.OL ryo ku wa 08/09/2018 rigena imikorere ya Sena, mu ngingo yaryo ya 114, Sena ishobora gushyiraho Amahuriro y'Abasenateri ku mpamvu zihariye. Buri Musenateri ashobora kuba mu ihuriro rimwe cyangwa menshi mu mahuriro yashyizweho na Sena. Icyakora, nta mahuriro y'Abasenateri arashyirwaho.

Ingingo ya 192 y'iryo Tegeko Ngenga iteganya kandi ko hashobora kujyaho amahuriro ahuriyemo Abasenateri n'Abadepite. Amahuriro ashamikiye ku Nteko Ishinga Amategeko ni aya akurikira:

- Ihuriro ry'Abagize Inteko Ishinga Amategeko riharanira Imibereho myiza y'abaturage n'Iterambere (RPRPD);
- Ihuriro rikumira jenoside, ipfobya n'ihakana rya Jenoside yakorewe Abatutsi (AGPF);
- Ihuriro ry'Abagize Inteko Ishinga Amategeko baharanira kurwanya Ruswa (APNAC);

- ♦ Ihuriro ry'Abanyarwandakazi bari mu Nteko Ishinga Amategeko (FFRP).

## IV.1. Ihuriro ry'Abagize Inteko Ishinga Amategeko riharanira imibereho myiza y'abaturage n'iterambere (RPRPD)

Ihuriro ry'Abagize Inteko Ishinga Amategeko riharanira Imibereho myiza y'Abaturage n'Iterambere (RPRPD, ryita cyane cyane ku bibazo by'ubwiyongere bw'abaturage, ubuzima bw'imyororokere, kuringaniza imbyaro no kurwanya Icyorezo cya Sida.

Iby'ingenzi byakozwe ni ibi bikurikira:

- ♦ Mu bihe bitandukanye, hakozwe inama z'Inama Rusange, hemezwa raporo y'ibikorwa, iy'ikoreshwa ry'imari n'iy'umugenzuzi z'umwaka w'ingengo y'imari 2018-2019 na gahunda y'ibikorwa Nyakanga 2019-Kamena 2020, hakirwa abanyamuryango bashya, baba Abasenateri, baba Abadepite;
- ♦ Mu kwezi k'Ukuboza 2019 no muri Mutarama 2020, hakozwe ingendo zitandukanye z'abagize RPRPD:
    - Hasurwa amavuriro n'ibitaro bitandukanye mu rwego rwo kurebera hamwe inzitizi mu kwitabira gahunda zo kuboneza urubyaro nyuma yo kubyara, gahunda zo kurwanya imirire mibi mu bana n'ababyeyi bonsa n'abatwite;
    - mu rwego rwo kurebera hamwe uko gahunda z'ubuzima bw'imyororokere zigishwa mu mashuri n'inzitizi zihari haba ku rwego rw'amategeko no ku mitangire ya serivisi.
- ♦ Abahagarariye RPRPD bitabiriye inama nyunguranabitekerezo yateguwe na Minisiteri y'Ubuzima ifatanyije na n'Imiryango itari iya Leta HDI na Imbuto Foundation, yabereye muri Macadamia Hotel ku itariki ya 30-31/10/2019, ku ngamba zikwiye gufatwa n'inzego zitandukanye ku kugeza ku rubyiruko serivisi z'ubuzima bw'imyororokere;
- ♦ Abahagarariye ihuriro bitabiriye inama mpuzamahanga zikurikira:
    - Inama Mpuzamahanga ku Baturage n'Iteramabere (ICPD@25) yabereye i Nairobi tariki ya 12-14/11/2019, i Nairobi muri Kenya;
    - Inama mpuzamahanga ku kurwanya icyorezo cya Sida n'izindi ndwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina muri Afurika (ICASA-International Conference on AIDS and Sexually Transmitted Infection in Africa, yabereye i Kigali muri Convention Center), taliki ya 02 kugeza kuya 07 ukuboza 2019;
- ♦ Hakozwe amahugurwa yabaye tariki ya 03-04/01/2020, Nyamata, La Palisse Hotel, yibanze ku bijyanye n'ubuzima bw'umubyeyi, umwana, ingimbi n'umwangavu;
- ♦ Abagize Komite Mpuzabikorwa na Komite Ngenzuzi ya RPRPD bakoze umwiherero wabaye tariki ya 28-29/02/2020, i Musanze muri Fatima Hotel wari ugamije kungurana ibitekerezo ku burere n'ubumenyi bifite ireme bikwiye guhabwa urubyiruko kuri gahunda z'ubuzima bw'imyororokere, ku bibazo n' inzitizi bikigaragara mu mategeko abigenga mu rwego rwo gufasha inzego za Leta bireba gukomeza gutekereza uko, zo n'abafatanyabikorwa batandukanye bagira uruhare mu kubikemura.

## IV.2. Ihuriro ry'Abagize Inteko Ishinga Amategeko rikumira Jenoside, ipfobya n'ihakana rya Jenoside yakorewe Abatutsi (AGPF)

Ihuriro ry'Abagize Inteko Ishinga Amategeko rikumira Jenoside ryashinzwe ku wa 08 Gicurasi 2015 rifite intego yo gukumira Jenoside muri rusange no kurwanya ipfobya n'ihanakana bya Jenoside yakorewe Abatutsi.

Mu mwaka wa 2019/2020, Ihuriro AGPF ryakoze ibikorwa bikurikira:

- Ku bufatanye n'abafatanyabikorwa batandukanye b'Ihuriro, hatanzwe ibiganiro kuri Radiyo Rwanda Inteko bigamije kurwanya ingengabitekerezo ya jenoside Ihakana n'ipfobya rya Jenoside yakorewe Abatutsi;
- Taliki ya 9/12/2019 hatanzwe ibiganiro mu mashuri Makuru na za Kaminuza mu turere twose n'Umujyi wa Kigali;
- Hatanzwe ibiganiro mu mashuri yisumbuye 115 mu bigo abana biga bacumbikiwe n'abiga bataha, kuri gahunda ya "Ndi Umunyarwanda";
- Hakiriwe ubusabe bw'abanyamuryango bashya 12, kandi bemezwa mu nama rusange y'abanyamuryango, nkuko bisabwa n'amategeko;
- Hakozwe Inama Rusange y'abanyamuryango b'Ihuriro, inama za Biro, Komite Nyobozi, Amakomisiyo, Komite Ngenzuzi, zirabaye nk'uko amategeko ibiteganya;
- Hujujwe Inzego z'Ihuriro binyuze mu matora y'abanyamuryango.

## IV.3. Ihuriro ry'Abagize Inteko Ishinga Amategeko y'u Rwanda rigamije gukumira no kurwanya ruswa (APNAC-Rwanda)

APNAC-RWANDA ni Ihuriro ry'Abagize Inteko Ishinga Amategeko y'u Rwanda rigamije gukumira no kurwanya ruswa n'ibindi byaha bifitanye isano na yo.

Mu mwaka wa 2019-2020, APNAC-Rwanda, ku bufatanye n'abafatanyabikorwa, yakoze ibikorwa byo gukumira no kurwanya ruswa n'ibyaha bifitanye isano nayo n'ibindi bikorwa bikurikira:

- Hakozwe inama rusange idasanzwe, hemezwa abanyamuryango bashya b'ihuriro ndetse itora abuzuza Komite mpuzabikorwa;
- Hakozwe inama nyunguranabitekerezo ku miterere ya ruswa mu Rwanda, inzitizi zikigaragara mu kuyirwanya n'uburyo zakurwaho;
- Hatanzwe ibiganiro mu mashuri Makuru na za Kaminuza mu rwego rwo gukangurira uburyiruko indangagaciro zafasha mu kurwanya ruswa;
- Ku bufatanye n'Urwego rw'Umuvunyi na Transparency International Rwanda, Ihuriro APNAC-Rwanda ryitabiriye ibikorwa byateganyijwe mu cyumweru cyahariwe kurwanya ruswa kiba buri mwaka;

- Ihuriro rihagarariwe na Hon. HARERIMANA Musa Fazili na Hon. NYAGAHURA Marguerite ryitabiriye inama mpuzamahanga ku kurwanya ruswa "7th Global Conference of Parliamentarians Against Corruption" yabereye i Doha muri QATAR;
- Ihuriro ryakiriye abashyitsi baturutse muri Transparency International Burundi (ABUCO), bari bagamije kumenya imikorere y'Ihuriro n'uburyo ikorana na TI-Rw ndeste n'intumwa ziturutse mu Gihugu cya Nigeria " Presidential Advisory Council Against Corruption PACAC". Urugendo rw'izi ntumwa rwari rugamije kwigira ku Rwanda ibijyanye no kurwanya ruswa.

### IV.4. Ihuriro ry'Abanyarwandakazi bari mu Nteko Ishinga Amategeko (FFRP)

Ihuriro FFRP ni rimwe mu mahuriro ashamikiye ku Nteko Ishinga Amategeko, ryashinzwe mu mwaka wa 1996, rifite icyerekezo cy'Umuryango Nyarwanda wunze ubumwe.



*Aho byavuye: Ububiko bw'inyandiko za Sena*

Mu mwaka wa 2019-2020, iby'ingenzi byakozwe ni ibi bikurikira:

- Hakozwe amahugurwa yabaye tariki ya 22 kugeza kuya 24 Ukuboza 2019, muri Hotel La Palisse Nyamata kuri "transformational leadership".
- Hateguwe hanakurikiranwa imishinga, ishyikirizwa abaterankunga batandukanye, haboneka amafaranga yo gushyira mu bikorwa gahunda y'Ihuriro y'umwaka wa 2019-2020.

- Gutanga ibitekerezo kandi bakurikirana igikorwa cy'isesengura ry'iyubahirizwa ry'Ihame ry'uburinganire mu mategeko y'u Rwanda, aho bagaragaje aho u Rwanda rugeze rukuraho inzitizi zibangamira iterambere ry'umugore ku bijyanye n'uburenganzira ahabwa n'amategeko.
- Hakozwe ingendo mu Turere twose tw'Igihugu hakorwa ubukangurambaga bugamije guteza imbere imirire myiza, kurwanya igwingira ry'abana n'Ihohoterwa rikorerwa abana b'abakobwa;
- Hatanzwe ibiganiro kuri radio z'abaturage mu turere dutandukanye na televiziyo ku nsanganyamatsiko zitandukanye : uruhare rw'abagize Umuryango mu guteza imbere imirire myiza y'umwana no kurwanya igwingira ry'abana, kurwanya ihohoterwa rikorerwa abana no kubahiriza amategeko abarengera ndetse n'uruhare rw'amategeko mu kwimakaza ihame ry'uburinganire mu muryango hagamijwe kubaka umuryango ushoboye kandi utekanye;
- Ihuriro ryagize uruhare mu itsinda tekiniki ryunganiye imirimo y'inama ku ruhare rw'Abagore muri Politiki yahuje abagize Inteko Ishinga Amategeko y'u Rwanda n'ab'Umuryango w'Ubukungu w'Ibihugu bwa Afurika y'Uburengerazuba/ Economic Community of West African Countries (ECOWAS) yabaye guhera tariki ya 14-18 Nyakanga 2019;
- Hateguwe kandi hanatangwa ikiganiro ku ruhare rw'Ihuriro FFRP mu rugendo rw'u Rwanda rwo guteza imbere uburinganire no kongera ubushobozi bw'umugore, mu Ukwakira 2019;
- Ihuriro FFRP ryagize uruhare mu itsinda tekiniki ryateguye Ihuriro ry'Abagore ryagize inama ku itariki ya 17 Ugushyingo 2019ku nsanganyamatsiko igira iti: "Guteza imbere abagore kugira ngo barusheho guhagararirwa mu myanya y'ubuyobozi kandi bagiremo uruhare rugaragara;
- Hateguwe ubutumwa ku bimaze kugerwaho mu iterambere ry'abagore mu rwego rw'ubuzima bwifashishijwe mu nama ya 141 ya IPU yabereye muri Serbia kuva ku itariki ya 13-17 Ukwakira 2019;
- Kugira uruhare mu itsinda tekiniki ryateguye Inama ku rwego rw'Isi ku iterambere ry'Uburinganire/ Gender Global Summit yabereye mu Rwanda ku itariki ya 25 Ugushyingo 2019;
- Kugira uruhare mu nama tekiniki yo gutegura Inama ya 64 ya Komisiyo y'Umuryango w'Abibumbye ku iterambere ry'Umugore (CSW 64);
- Kwakira amatsinda atandukanye y'abashyitsi baturutse mu mahanga baje kwigira ku Rwanda uburyo rwageze ku mpinduka nziza mu guteza imbere uburinganire no kongera ubushobozi bw'umugore, by'umwihariko abasura Inteko Ishinga Amategeko.


## V. IMIKORESHEREZE Y'INGENGO Y'IMARI YA SENA

Nk'uko biteganywa n'Itegeko Ngenga N°007/2018.OL ryo ku wa 08/09/2018 rigenga imikorere ya Sena mu ngingo yaryo ya 111, Sena igira ingengo y'imari yayo, kandi ikagira

ubwigenge mu micungire y'imari n'abakozi byayo. Amafaranga ateganyijwe mu ngengo y'imari ya Sena ashyirwa kuri konti ya Sena muri Banki Nkuru y'u Rwanda.

Mu mwaka wa 2019/2020, Sena yahawe ingengo y'imari ingana na 4,643,078,097 Frw, Amafaranga yose yakoreshejwe kuva muri Nyakanga 2019 kugeza Kamena 2020 angana na Miliyari 4,246,574,205 Frw bingana na 91, 46% by'ingengo y'imari yose. Iyi ngengo y'imari yakoreshejwe mu mishahara n'ibindi bigenerwa Abasenateri n'abakozi ba Sena, mu ngendo z'akazi z'Abasenateri n'abakozi babunganira, mu kugura ibikoresho n'ibindi byangombwa bikenerwa mu gufasha Sena kuzuza inshingano zayo.

**Ishusho ya 10: Ikigero cy'imikoreshereze y'ingengo y'imari ya Sena**




*Aho byavuye: Raporo za Sena z'ibihembwe by'umwaka wa 2019/2020*

Umugereka wa 10 ugaragaza mu buryo burambuye uko ingengo y'imari ya Sena yakoreshejwe mu mwaka wa 2019/2020.

## VI. UMUSOZO

Muri uyu mwaka wa 2019/2020, Sena yakoze ibikorwa binyuranye bijyanye n'inshingano zayo, zaba izihariye ndetse n'izisanzwe.

Sena yakomeje kugenzura uko amahame remezo avugwa mu ngingo ya 10 y'Itegeko Nshinga ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015 ashyirwa mu bikorwa, hemezwa ishyirwaho ry'abayobozi yashyikirijwe na Guverinoma, itanga n'ibitekerezo ku ngengo y'imari ya Leta y'umwaka wa 2020/2021.

Sena yatoye amategeko ane (4). Hakozwe ibikorwa byo kumenya no kugenzura ibikorwa n'imikorere bya Guverinoma. imyanzuro yagiye ifatwa n'Inteko Rusange yohererejwe Guverinoma.

Ku bijyanye no gusura no kwegera abaturage, Abasenateri bakoresheje iminsi ibiri (2) bemererwa mu kwezi basura abaturage. Abasenateri kandi bitabiriye ibikorwa by'umuganda rusange wabereye mu Turere dutandukanye tw'Igihugu baboneraho umwanya wo kumva ibibazo by'abaturage no kurebera hamwe uburyo byakemuka. Icyakora, gusura no kwegera abaturage byakomwe mu nkokora n'Icyorezo cya COVID-19, kuko Abasenateri batabashije gukora ibikorwa bituma bahura n'abaturage mu rwego rwo kubahiriza amakwiriza yo kwirinda ikwirakwizwa ry'icyo cyorezo yagiye ashyirwaho hashingiwe ku masesengura yakorwaga n'inzego z'ubuzima.

Mu rwego rwo gutsura umubano, Abasenateri bakoze ingendo z'akazi hirya no hino mu bindi bihugu aho bitabiriye inama mpuzamahanga bahuriyemo n'abagize izindi Nteko Zishinga amategeko, baboneraho umwanya wo guteza imbere ibikorwa bya "Diplomacy" ikorwa n'Inteko Ishinga Amategeko.

Sena kandi yakiriye abashyitsi batandukanye haganirwa ku mubano w'u Rwanda n'ibihugu abo bashyitsi baturutsemo. Ibyo byabereye Sena umwanya mwiza wo kugaragaza isura nyakuri y'u Rwanda mu nzego zose z'ubuzima bw'igihugu.

Ibikorwa byakozwe mu mwaka wa 2019/2020 byagezweho ku bufatanye bw'Abasenateri muri rusange n'Inzego za Sena by'umwihariko.

# IMIGEREKA

## Umugereka wa 1: Abasenateri bagize ya 3 ya Sena

| Nº | Amazina | Uko batowe cyangwa bashyizweho |
|---|---|---|
| 1. | Hon. BIDERI John Bonds | Yatorewe mu Ntara y'Iburasirazuba |
| 2. | Hon. DUSHIMIMANA Lambert | Yatorewe mu Ntara y'Iburengerazuba |
| 3. | Hon. HABINEZA Faustin | Yatorewe mu Ntara y'Amajyaruguru |
| 4. | Hon. HABIYAKARE François | Yashyizweho na Perezida wa Repubulika |
| 5. | Hon. HAVUGIMANA Emmanuel | Yatorewe mu Ntara y'Iburengerazuba |
| 6. | Hon. IYAMUREMYE Augustin | Yashyizweho na Perezida wa Repubulika |
| 7. | Hon. KALIMBA Zephyrin | Yashyizweho na Perezida wa Repubulika |
| 8. | Hon. KANYARUKIGA Ephrem | Yatowe n'abarimu n'abashakashatsi ba Kaminuza n'amashuri makuru byigenga |
| 9. | Hon. KARANGWA Chrysologue | Yashyizweho na Perezida wa Repubulika |
| 10. | Hon. MUKABARAMBA Alvera | Yashyizweho na Perezida wa Repubulika |
| 11. | Hon. MUKAKALISA Jeanne d'Arc | Yashyizweho n'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki |
| 12. | Hon. MUPENZI George | Yatorewe mu Ntara y'Iburasirazuba |
| 13. | Hon. MURANGWA NDANGIZA Hadidja | Yashyizweho n'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki |
| 14. | Hon. MURESHYANKWANO Marie Rose | Yatorewe mu Ntara y'Iburengerazuba |
| 15. | Hon. NIYOMUGABO Cyprien | Yatowe n'abarimu n'abashakashatsi ba Kaminuza n'amashuri makuru bya Leta |
| 16. | Hon. NKURUNZIZA Innocent | Yatorewe mu Ntara y'Amajyepfo |
| 17. | Hon. NKUSI Juvénal | Yashyizweho n'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki |
| 18. | Hon. NSENGIYUMVA Fulgence | Yatorewe mu Ntara y'Iburasirazuba |
| 19. | Hon. NTIDENDEREZA William | Yatorewe mu Mujyi wa Kigali |
| 20. | Hon.NYAGAHURA Marguerite | Yashyizweho na Perezida wa Repubulika |
| 21. | Hon. NYINAWAMWIZA Laëtitia | Yatorewe mu Ntara y'Amajyaruguru |
| 22. | Hon. NYIRASAFARI Espérance | Yashyizweho na Perezida wa Repubulika |
| 23. | Hon. UMUHIRE Adrie | Yatorewe mu Ntara y'Amajyepfo |
| 24. | Hon. UWERA Pélagie | Yatorewe mu Ntara y'Amajyepfo |
| 25. | Hon. UWIMANA Consolée | Yashyizweho na Perezida wa Repubulika |

| | | |
|---|---|---|
| 26. | Hon.UYISENGA Charles | Yashyizweho n'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki |

**Umugereka wa 2: Abagize Inama y'Abaperezida**

| No | Amazina | Icyo ashinzwe |
|---|---|---|
| 1. | Hon. Dr. IYAMUREMYE Augustin | Perezida wa Sena |
| 2. | Hon. NYIRASAFARI Espérance | Visi-Perezida wa Sena |
| 3. | Hon. MUKABARAMBA Alvera | Visi-Perezida wa Sena |
| 4. | Hon. NKUSI Juvénal | Perezida wa Komisiyo y'Iterambere ry'Ubukungu n'Imari |
| 5. | Hon. UWIMANA Consolée | Visi-Perezida wa Komisiyo y'Iterambere ry'Ubukungu n'Imari |
| 6. | Hon. DUSHIMIMANA Lambert | Perezida wa Komisiyo ya Politiki n'Imiyoborere |
| 7. | Hon. MURANGWA NDANGIZA Hadidja | Visi-Perezida wa Komisiyo ya Politiki n'Imiyoborere |
| 8. | Hon. BIDERI John Bonds | Perezida wa Komisiyo y'Ububanyi n'Amahanga, Ubutwererane n'Umutekano |
| 9. | Hon. MUKAKALISA Jeanne d'Arc | Visi-Perezida wa Komisiyo y'Ububanyi n'Amahanga, Ubutwererane n'Umutekano |
| 10. | Hon. UMUHIRE Adrie | Perezida wa Komisiyo y'Imibereho y'Abaturage n'Uburenganzira bwa Muntu |
| 11. | Hon. Dr. HABINEZA Faustin | Visi-Perezida wa Komisiyo y'Imibereho y'Abaturage n'Uburenganzira bwa Muntu |
| 12. | Hon. Prof. KARANGWA Chrysologue | Perezida wa Komite igenzura Imikorere ya Sena, Imyitwarire, Imyifatire n'Ubudahangarwa by'Abasenateri |
| 13. | Hon. UWERA Pélagie | Visi-Perezida wa Komite igenzura Imikorere ya Sena, Imyitwarire, Imyifatire n'Ubudahangarwa by'Abasenateri. |

**Umugereka wa 3: Abagize Komisiyo za Sena**

| Komisiyo | Abasenateri bagize Komisiyo |
|---|---|
| Komisiyo y'Ububanyi n'Amahanga, Ubutwererane n'Umutekano | 1. Hon. BIDERI John Bonds, Perezida |
| | 2. Hon. MUKAKALISA Jeanne d'Arc, Visi Perezida |
| | 3. Hon. KANYARUKIGA Ephrem |
| | 4. Hon.NYAGAHURA Marguerite |
| | Hon.UYISENGA Charles |
| Komisiyo ya Politiki n'Imiyoborere | 1. Hon. DUSHIMIMANA Lambert, Perezida |
| | 2. Hon. MURANGWA NDANGIZA Hadidja, Visi Perezida |

| | |
|---|---|
| | 3. Hon. Prof. KARANGWA Chrysologue<br>4. Hon. NSENGIYUMVA Fulgence<br>5. Hon. NTIDENDEREZA William<br>6. Hon. UWERA Pélagie |
| Komisiyo y'Imibereho y'Abaturage n'Uburenganzira bwa muntu | 1. Hon. UMUHIRE Adrie, Perezida<br>2. Hon. HABINEZA Faustin, Visi Perezida<br>3. Hon. HABIYAKARE François<br>4. Hon. MURESHYANKWANO Marie Rose<br>5. Hon. NIYOMUGABO Cyprien<br>6. Hon. HAVUGIMANA Emmanuel |
| Komisiyo y'Iterambere ry'Ubukungu n'Imari | 1. Hon. NKUSI Juvénal, Perezida<br>2. Hon. UWIMANA Consolée, Visi Perezida<br>3. Hon. KALIMBA Zephyrin<br>4. Hon. MUPENZI George<br>5. Hon. NKURUNZIZA Innocent<br>6. Hon. NYINAWAMWIZA Laëtitia |

**Umugereka wa 4: Abasenateri bagize Komite**

| No | Amazina | Icyo ashinzwe |
|---|---|---|
| 1. | Hon. Prof. KARANGWA Chrysologue | Perezida |
| 2. | Hon. UWERA Pélagie | Visi-Perezida |
| 3. | Hon. HAVUGIMANA Emmanuel | Ugize Komite |
| 4. | Hon. MURESHYANKWANO Marie Rose | Ugize Komite |
| 5. | Hon. MUPENZI George | Ugize Komite |

**Umugereka wa 5: Abakozi bahawe amahugurwa y'igihe kirekire**

| Amazina | Umwanya w'umurimo | Igihugu | Amasomo | Igihe azamara |
|---|---|---|---|---|
| BAHIZI Marcel | Budget and Accountability Researcher | China | PHD in International Economics | Yamaze imyaka 3 (yagarutse ku kazi) |
| MUSABIMANA Jeanne | Database Administrator | Korea y'epfo | Masters in Techno-Entrepreneurship Competency Based on EE&ICT | Imyaka 2 |
| MUGABO Asaph | System Administrator Specialist | Rwanda | Masters in Wireless Intelligent Sensor Networking | Imyaka 2 (guhera Ukwakira 2019) |
| INGABIRE Ariane | Network Administrator Specialist | Rwanda | Masters in Wireless Intelligent Sensor Networking | Imyaka 2 (guhera Ukwakira 2019) |
| RUSINE Jean Sauveur | Internal Auditor | Rwanda | Professional qualification in CPA | Guhera Kamena 2013 |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| MUKANKUNDIYE Angélique | Accountant | Rwanda | Professional qualification in CPA | Imyaka 5 (guhera Kamena 2017) |

**Umugereka wa 6: Abakozi ba Sena bahawe amahugurwa y'igihe kigufi**

| Nº | Amahugurwa yitabiriwe | Igihe yatangiwe | Abakozi bayahawe | Umwanya w'umurimo |
|---|---|---|---|---|
| 01. | Office Management | 09-20/09/2019 | RWAMIHIGO Jean de Dieu | Secretary in Central Secretariat |
| | | | NKUBITO Sam | Hansard Editor |
| 02. | Planning and Budgeting | 09-20/09/2019 | RWAKAYIGAMBA Steven | Budget and Accountability Researcher |
| | | | HARERIMANA Vianney | Committee Clerk |
| 03. | Leadership Development and change Management | 23/9-04/10/2019 | NYIRABATEGEKA Florence | Legislative drafting and Advisory Specialist |
| 04. | Strategic Planning and Management | 23/9-04/10/2019 | RWIGEMA François | Statistician |
| 05. | Professional Communication and writing skills | 23/9-04/10/2019 | HABUMUGISHA Jean Pierre | Public Relations and Communication Officer |
| 06. | Planning Monitoring and Evaluation | 07-18/10/2019 | NSENGAMUNGU Emmanuel | Fundamental Principles |
| 07. | Change Management, Conflict resolution and Team Building | 07-18/10/2019 | SEBATUTSI Sebastien | Committee Clerk |
| 08. | Public Procurement and contract management | 21/10-01/11/2019 | KAYITABA MANZI | Legislative Drafting and Advisory specialist |
| | | | FURAHA Jackson | Procurement Officer |
| 09. | Documentation, Librarianship and Management of archives | 21/10-01/11/2019 | NKURIKIYINKA Pascal | Archives |
| 10. | Information gathering and report analysis | 18-23/12/2019 | - AMANI BIRASA Raphael<br>- HARERIMANA Vianne<br>- KAMPIRE Martine<br>- MUREKEZI Eugene<br>- SEBATUTSI Sebastien<br>- MUHIRE HABARUREMA Anaclet<br>- NSENGAMUNGU Emmanuel<br>- NYIRANSENGIMANA Epiphanie | Committee Clerk<br>Committee Clerk<br>Committee Clerk<br>Committee Clerk<br>Committee Clerk<br>Government Program Researcher<br>Fundamental Principles Specialist<br>Advisor to Vice President/Parliamentary Bills and Policy Researcher<br>Statistician |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| | | | - RUSAGAMBA Levis<br>- RWIGEMA Francois<br>- RWAKAYIGAMBA Steven | Budget and Accountability Researcher |
| 11. | Project Management Professional' | 2019/2020 | - AMANI Raphael<br>- KAMPIRE Martine<br>- MUREKEZI Eugene<br>- RWAKAYIGAMBA Steven<br>- RWIGEMA François<br>- TANGIMPUNDU Veneranda | Committee Clerk<br>Committee Clerk<br>Committee Clerk<br>Budget and Accountability Researcher<br>Statistician<br>Planning Monitoring and Evaluation Officer |

**Umugereka wa 7: Abayobozi bemejwe na Sena mu mwaka wa 2019/2020**

| Nº | Amazina | Urwego | Itariki Inteko Rusange yamwemerejeho |
|---|---|---|---|
| 1. | Bwana GASAMAGERA Wellars | Uhagarariye u Rwanda muri Angola | 25/07/2019 |
| 2. | Bwana HIGIRO Prosper | Uhagarariye u Rwanda muri Canada | 25/07/2019 |
| 3. | Bwana KIMOMYO James | Uhagarariye u Rwanda mu Bushinwa | 25/07/2019 |
| 4. | Madamu Aissa KIRABO KACYIRA | Uhagarariye u Rwanda muri Ghana | 25/07/2019 |
| 5. | Madamu YASMINI Amri Sued | Uhagarariye u Rwanda muri Koreya y'Epfo | 25/07/2019 |
| 6. | Bwana NKURIKIYIMFURA François | Uhagarariye u Rwanda muri Qatar | 25/07/2019 |
| 7. | Bwana UWIHANGANYE Jean de Dieu | Uhagarariye u Rwanda muri Singapore | 25/07/2019 |
| 8. | Madamu RWAKAZINA Marie Chantal | Uhagarariye u Rwanda mu Busuwisi | 25/07/2019 |
| 9. | Maj. Gen. KARAMBA Charles | Uhagarariye u Rwanda muri Tanzania | 25/07/2019 |
| 10. | Bwana HATEGEKA Emmanuel | Uhagarariye u Rwanda mu Bihigu Byunze Ubumwe by'Abarabu | 25/07/2019 |
| 11. | Madamu KAYITESI Usta | Umukuru w'Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere (RGB) | 05/08/2019 |
| 12. | Dr. NIBISHAKA Emmanuel | Umukuru Wungirije w'Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere (RGB) | 05/08/2019 |
| 13. | Madamu NYINAWAGAGA Claudine | Umuyobozi Mukuru w'Ikigo gishinzwe guteza imbere ibikorwa by'iterambere mu nzego z'ibanze (LODA) | 05/08/2019 |
| 14. | Dr. NSANZIMANA Sabin | Umuyobozi Mukuru w'Ikigo gishinzwe ubuzima mu Rwanda | 05/08/2019 |
| 15. | Bwana SINYIGAYA Silas | Visi Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu | 05/08/2019 |

| | | | |
|---|---|---|---|
| 16. | Bwana HAVUGIYAREMYE Aimable | Umushinjacyaha Mukuru | 03/12/2019 |
| 17. | Madamu HABYARIMANA Angelique | Umushinjacyaha Mukuru Wungirije | 03/12/2019 |
| 18. | Bwana NKURUNZIZA Valens | Visi Perezida w'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi | 03/12/2019 |
| 19. | Lt. Gen KAMANZI Frank MUSHYO | Uhagarariye u Rwanda mu Burusiya | 03/12/2019 |
| 20. | Madamu MUKANGIRA Jacqueline | Uhagarariye u Rwanda mu Buhindi | 03/12/2019 |
| 21. | Dr. NTEZIRYAYO Faustin | Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga | 05/12/2019 |
| 22. | Madamu MUKAMULISA Marie Thérèse | Visi Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga | 05/12/2019 |
| 23. | Madamu MUKANTAGAZWA Domitilla | Perezida wa Komisiyo y'u Rwanda ishinzwe ivugururwa ry'Amategeko | 09/12/2019 |
| 24. | Dr. SEBASHONGORE Dieudonné | Uhagarariye u Rwanda mu Bubiligi | 06/03/2020 |
| 25. | Bwana RUGEMANSHURO Régis | Umuyobozi Mukuru w'Ikigo cy'Ubwiteganyirize mu Rwanda | 06/03/2020 |
| 26. | Dr. MUTIMURA Eugene | Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Inama y'Igihugu y'Ubumenyi n'Ikoranabuhanga | 06/03/2020 |
| 27. | Bwana MUKAMA Abbas | Umuvunyi Mukuru Wungirije ushinzwe gukumira no kurwanya ruswa | 16/03/2020 |
| 28. | Bwana MUHUMUZA Richard | Umucamanza mu Rukiko rw'Ikirenga | 16/03/2020 |
| 29. | Madamu NYIRANDABARUTA MURORUNKWERE Agnes | Visi Perezida w'Urukiko rw'Ubujurire | 16/03/2020 |
| 30. | Bwana KAMERE Emmanuel | Umucamanza mu Rukiko rw'Ubujurire | 16/03/2020 |
| 31. | Madamu UMUGWANEZA Gérardine | Umucamanza mu Rukiko rw'Ubujurire | 16/03/2020 |
| 32. | Madamu UWINGENEYE Joyeuse | Umuyobozi Mukuru w'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe gutunganya amasoko ya Leta (RPPA) | 16/03/2020 |
| 33. | Madamu NYIRAHABINEZA Valérie | Perezida wa Komisiyo y'Igihugu yo gusezerera no gusubiza mu buzima busanzwe abari abasirikare (RDRC) | 19/05/2020 |
| 34. | Madamu KABERA Juliet | Umuyobozi Mukuru w'Ikigo cy'Igihugu cyo Kubungabunga Ibidukikije (REMA) | 19/05/2020 |
| 35. | Madamu MUKASINE Marie Claire | Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu | 22/06/2020 |

**Umugereka wa 8: Uko Inzego ziteganywa n'Itegeko Nshinga n'andi mategeko zashyikirije raporo yazo Inteko Ishinga Amategeko**

| Nº | Komisiyo/ Urwego | Igikorwa | Itariki raporo yagerejwe ku Nteko Rusange ya Sena/Imitwe yombi | Itariki raporo ya Komisiyo yagerejwe ku Nteko Rusange ya Sena |
|---|---|---|---|---|
| 1. | Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu | Raporo y'ibikorwa by'umwaka wa 2018-2019 na gahunda y'ibikorwa by'umwaka wa 2019-2020. | 29/10/2019 | 02/02/2020 |
| 2. | Urwego rw'Umuvunyi | Raporo y'ibikorwa by'umwaka wa 2018-2019 na gahunda y'ibikorwa by'umwaka wa 2019-2020. | 05/11/2020 | 06/02/2020 |
| 3. | Komisiyo y'Igihugu y'Abakozi ba Leta | Raporo y'ibikorwa by'umwaka wa 2018-2019 na gahunda y'ibikorwa by'umwaka wa 2019-2020. | 30/10/2019 | 10/02/2020 |
| 4. | Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere | Raporo by'umwaka wa 2018-2019 na gahunda y'ibikorwa by'umwaka wa 2019-2020. | 12/11/2019 | 13/02/2020 |
| 5. | Banki Nkuru y'u Rwanda | Raporo y'ibikorwa bya Banki Nkuru y'u Rwanda by'umwaka wa 2018/2019. | 21/11/2019 | 14/02/2020 |
| 6. | Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge | Raporo y'ibikorwa by'umwaka wa 2018-2019 na gahunda y'ibikorwa by'umwaka wa 2019-2020 (raporo yagejejwe ku Nteko Rusange ya Sena). | 06/11/2019 | 09/03/2020 |
| 7. | Komisiyo y'Igihugu ishinzwe kurwanya Jenoside | Raporo y'ibikorwa by'umwaka wa 2018-2019 na gahunda y'ibikorwa by'umwaka wa 2019-2020. | 12/11/2019 | 10/03/2020 |
| 8. | Urwego rw'Ubugenzuzi Bukuru bw'Imari ya Leta | Raporo y'Urwego rw'Ubugenzuzi Bukuru w'Imari ya Leta y'umwaka warangiye ku itariki ya 30 Kamena 2019. | 15/05/2020 | |

**Umugereka wa 9: Abashyitsi basuye Sena mu mwaka wa 2019/2020**

| Itariki | Umushyitsi | Aho aturutse | Uwamwakiriye | Impamvu |
|---|---|---|---|---|
| 24/07/2019 | - Rt. Hon. Dr. Aly Abdel Aal Speake,<br>- Hon. Tarek Radwan,<br>- Hon. Hassan Ahmed,<br>- Hon. Aladin Mazen,<br>- Hon. Ismail Nasr Eldin,<br>- Hon. Mona Rezk,<br>- Mr. Aladin Nagy,<br>- Dr. Asraf Abdel Aziz<br>- Maj. Mohamed El Ahmady | Egypt | Biro ya Sena na Komisiyo ya Sena y'Ububanyi n'Amahanga, Ubutwererane n'Umutekano | Kubaramutsa no kuganira ku bufatanye bw'Inteko Zishinga Amategego z'Ibihugu byombi |
| 05/09/2019 | - Hon. Andreas Mattfeldt,<br>- Hon. Josef Oster,<br>- Hon. Bernhard Loos,<br>- Hon. Siemtje Moller,<br>- Hon. Ralf Kapschack,<br>- Hon. Manfred Todtenhausen<br>- Mr. Julian Gallasch<br>- Mrs. Lydia Renate Wolf | Germany | Biro ya Sena na Komisiyo ya Sena y'Ububanyi n'Amahanga, Ubutwererane n'Umutekano | Kubaramutsa no kuganira ku bufatanye bw'Inteko Zishinga Amategego z'Ibihugu byombi |
| 22-28/09/2019 | - Hon. P.W Katamelo<br>- Hon. M. Ndago<br>- Hon. F. Ghauz<br>- Hon. W. Kalip<br>- Hon. G. Van Neel<br>- Hon. P. Kavhura<br>- Hon. J. Ndakunda<br>- Hon. S.B. Boois<br>- Hon. V. Kauma<br>- Ms. H. Kapuku<br>- Ms. H. Subasubani<br>- Mr. B Riruako. | Namibia | Biro ya Sena na Komisiyo ya Sena y'Ububanyi n'Amahanga, Ubutwererane n'Umutekano | Kubaramutsa no kuganira ku bufatanye bw'Inteko Zishinga Amategego z'Ibihugu byombi |
| 20/11/2019 | Hon. RM Lesoma<br>Hon. M Rayi<br>Hon. SP Kopane<br>Mr M Nges ; South African MP | South Africa | Biro ya Sena na Komisiyo ya Sena y'Ububanyi n'Amahanga, Ubutwererane n'Umutekano | Kubaramutsa no kuganira nabo ku bufatanye bw'Inteko Zishinga Amategego z'Ibihugu byombi |
| | Hon. Cyprien Price | Haiti | Biro ya Sena na Komisiyo ya Sena y'Ububanyi n'Amahanga, | Kubaramutsa no kuganira nabo no kungurana ibitekerezo ku |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| | | | Ubutwererane n'Umutekano | bufatnye bw'Inteko zishinga Amategego z'ibihugu byombi |
| 17/12/2019 | Ms. Shinako Tsochiya, Umudepite mu Nteko Ishinga Amategeko y'Ubuyapani | Japan | Visi Perezida wa Sena ushinzwe gukurikirana Amategeko, kumenya no kugenzura ibikorwa bya Guverinoma | Kumuramutsa no kuganira nawe |
| 12/3/2020 | Hon. Kakoba Onyango, Umunyamabanga Mukuru wa FP-ICGLR | FP-ICGLR : | Biro ya Sena | Kubaramutsa no kuganira nabo |

**Umugereka wa 10: Abashyitsi b'abanyamahanga baba mu Rwanda basuye Sena**

| Itariki | Umushyitsi | Aho aturutse | Uwamwakiriye | Impamvu |
|---|---|---|---|---|
| 05/12/2019 | - Mr. Fode Ndiaye, Uhagarariye ONE UN. Res. Coordnator mu Rwanda;<br>- Ms. Fatou Aminata Lo, Umuyobozi wa UN Women mu Rwanda;<br>- Mr. Mark Bryan Schreiner, Umuyobozi wa UNFPA mu Rwanda | UN mu Rwanda | Biro ya Sena | Kubaramutsa no kuganira nabo |
| 17/12/2019 | H.E. Dr. Thomas KURZ Ambasaderi w'Ubudage mu Rwanda | Ambasade y'Ubudage mu Rwanda | Biro ya Sena | Kubaramutsa no kuganira nabo |
| | H.E. Buren CEVIK, Ambasaderi wa Turukiya mu Rwanda | Ambasade ya Turukiya mu Rwanda | Biro ya Sena | Kubaramutsa no kuganira nabo |
| 14/01/2020 | H.E. Peter Vrooman, Ambasaderi wa Leta Zunze Ubumwe z'Amerika mu Rwanda | Ambasade ya Amerika mu Rwanda | Biro ya Sena | Kubaramutsa no kuganira nabo |
| 28/01/2020 | H.E. Iman Yusuf, Ambasaderi wa Morocco mu Rwanda | Ambasade ya Morocco mu Rwanda | Biro ya Sena | Kubaramutsa no kuganira nabo |
| 05/02/2020 | H.E. Ron Adam, Ambasaderi wa Israel mu Rwanda. | Ambasade ya Israel mu Rwanda | Biro ya Sena | Kubaramutsa no kuganira nabo |

**Umugereka wa 11: Ingengo y'imari y'umwaka wa 2019/2020 yakoreshejwe**

| Ibikorwa | Ingengo y'imari(Rwf) | Amafaranga yakoreshejwe (Rwf) | Asigaye (Rwf) | (%) |
|---|---|---|---|---|
| Kwishyura imishahara y'Abasenateri | 931, 589, 527 | 875, 931, 559 | 55, 657, 968 | 94,03 % |
| Kwishyura imishahara y'abakozi | 616, 020, 286 | 540, 007, 165 | 76, 013, 121 | 87,66 % |
| Kwishyura ubwiteganyirize | 312, 038, 928 | 290, 440, 345 | 21, 598, 583 | 93,08 % |
| Kwishyura ibikoresho byo mu biro | 115, 104, 820 | 95, 267, 640 | 19, 837, 180 | 82,77 % |
| Kwishyura amazi n'umuriro | 198, 187, 921 | 197, 848, 535 | 339, 386 | 99,83 % |
| Kwishyura ubukode bw'inzu | 75, 796, 826 | 74 089 641 | 1, 707, 185 | 97,75 % |
| Kwishyura ibijyanye n'itumanaho | 112, 953, 662 | 100, 788, 880 | 12, 164, 782 | 89 ,23% |
| Kwishyura ubwishingizi bw'inzu | 14, 100, 000 | 3, 890, 320 | 10, 209, 680 | 27,59% |
| Kwishyura ''charges" za banki | 50, 000 | 36, 000 | 14, 000 | 72,00 % |
| Kwakira abashyitsi | 85, 841, 927 | 66, 422, 050 | 19, 419, 877 | 77, 38 % |
| Kwishyura abanyamasezerano | 123, 639, 080 | 119, 408, 555 | 4, 230, 525 | 96,58 % |
| Kwishyura ingendo mu gihugu no mu mahanga | 1, 262, 587, 000 | 1, 125, 411, 922 | 137, 175, 078 | 89,14% |
| Gusana | 206, 957, 679 | 202, 663, 521 | 4, 294, 158 | 97,93 % |
| Ibikoresho byifashishwa mu gusana | 19, 652, 933 | 18, 515, 872 | 1, 137, 061 | 94,21 % |
| Kwishyura abashinzwe kurinda umutekano wa ba VP mu rugo | 13, 860, 000 | 13, 218, 360 | 641, 640 | 95,37% |
| Kugura ibikoresho no kwishyura serivisi z'ikoranabuhanga | 85, 197, 507 | 70, 848, 960 | 14, 348, 547 | 83,16 % |
| Kugura ibikoresho biramba byo mu biro | 84, 741, 041 | 87, 302, 981 | - 2, 561, 940 | 103,02 % |
| Kwishyura imperekeza/impozamarira | 16, 358, 960 | 16, 256, 152 | 102, 808 | 99,37 % |
| Imirimo y'inyongera ku nzu Ndangamateka | 200, 000, 000 | 199, 999, 963 | 37 | 99, 9% |
| Kugura imodoka | 132, 000, 000 | 131, 087, 000 | 913, 000 | 99,31 % |
| Kwishyura izindi serivisi zinyuranye | 36, 400, 000 | 17, 138, 784 | 19, 261, 216 | 47,08 % |
| **Igiteranyo** | **4, 643, 078, 097** | **4, 246, 574, 205** | **396, 503, 892** | **91,46 %** |